
IVUGURURA RYOMATANYE N'UBUGOROZI

"Ivugurura n'ubugorozi bigomba kubaho biyobowe n'Umwuka Wera... Ubugorozi ntibuzera imbuto nziza zo gukiranuka butomatanye neza n'ivugurura ry'iby'Umwuka. Ivugurura n'ubugorozi byombi bifite uruhare rwabyo bigomba gusohoza, ariko bigomba kugenda byomatanye muri uwo murimo."

-RH 25 Gashyantare 1902. LDE 189

"Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya."

(2 Abakorinto 5:17)

—UBUGOROZI—

**IVUGURURA
RYOMATANYE
N'UBUGOROZI**

IBIRIMO

IJAMBO RYIBANZE.....	5
IVUGURURA NI IKI?.....	9
UBUGOROZI NI IKI KANDI BUKORANA BUTE N'IVUGURURA.....	11
AKAMARO K'IVUGURURA.....	12
Iyo ivugurura rigeze mu mutima.....	15
Mu muryango.....	19
Mu itorero.....	20
Mu ibwirizabutumwa.....	23
UBWAKA BUTANDUKANYE.....	25
Ubwaka ni iki?.....	25
Bamwe mu baka babayeho:	
-Sedekiya 1 Abami 22:11-13.....	26
-Thomas Munzer TS 199; GC 191.....	26
-Ubwaka bwo mu 1843-.....	26
-Abakusi n'ababaturwa.....	27
-Abiyitaga abera.....	28
-Tumumenye.....	28
-Abarakare.....	30
IVUGURURA IGISUBIZO CY'AMASENGESHO.....	37
INGARUKA YO KWANGA IVUGURURA.....	40
AHO IVUGURURA RIHURIRA NO:	
-Kubyarwa ubwa kabiri.....	41
-Guhinduka.....	43
-Kwezwa.....	43

IVUGURURA

**IJAMBO IVUGURURA RIBONEKA MU BYANDITSWE
BYERA NO MU NKORANYAMAGAMBO (DICTIONARY)..45
ISANO IRI HAGATI Y'UBUGOROZI, IKANGURA
N'IVUGURURA.....50
ICYO IVUGURURA RIMAZE.....54
KWIRINDA INDWARA.....61**

IJAMBO RY'IBANZE

Bavandimwe bana b'Imana, uko dusātira iherezo ry'isi n'iry'urugamba rw'iby'Umwuka, turashaka kubashyirira ahagaragara isibaniro riheruka, tubereka ukuntu satani yitwaje ishusho y'ubukristo, azazana ubuhakanyi bukomeye akarwanya Imana, ukuri kwayo n'ubukiranutsi, yibasiye abashaka ukuri kandi bagakunda.

"Imanza zitabera zisubizwa inyuma no gukiranuka kugahagarara kure, kuko ukuri kwaguye mu nzira, kandi gutungana ntikubasha kwinjira. Ni ukuri koko, ukuri kurabuze, uretse ibibi aba umunyage. Uwiteka yarabibonye ararakara kuko nta manza zitabera zihari." Yesaya 59:14-15

"Indimi z'ibinyoma zigobwe, Zivugana umukiranutsi agasuzuguro, N'ubwibone no kugayana." Zaburi 31:19

Mumenye ko imbere yacu hari isibaniro twaroshywemo na satani ugambiriye kurwanya Imana, kurangaza abayo, gukerezamurimo wayo, guca intege abamucika no kunyaga ukuri uburyohe bwako.

Iryo sibaniro riheruka rigizwe:

- Abahakana Mana
- Intambara mu bihugu
- Inzoga za babuloni
- Abahakanyi
- Abaka
- Abakabya
- Abariganya.

Basomyi dukunda, muri iki gitabo muzabona inzira zinyuranye satani yagiye yiyambaza mubihe byashize n'izo arikwiyambaza muri iki gihe. Anyuriye: mu madini, mu babwiri-

—IVUGURURA—

za, aziyambaza bumwe mubuhanga bugezweho, aziyambaza ibinyoma biteranya abantu n'iby'agacanutwe, ishyari n'urwango niyo ntwaro ikomeye azakoresha mugusebya abagamiye gutsinda icyaha no kurengera ukuri, azatera abantu kumva Bibiliya nabi no kuyihindanya cyangwa abadakoze ibyo babe mu kuri badahindutse bigayishe ukuri n'abakuvuga. Urwo ni rwo rugamba ruheruka. Niko ikiyoka cyagiye cyiyambaza urubyaro rwacyo kandi kizakomeza kwiambaza abanyabinyoma n'abagome mukurwanya itorero ryasigaye. Ariko muri byose Imana izatabara: "Yewe urengana, ugahungabanywa n'inkubi y'umuyaga ntuhumurizwe, amabuye yawe nzayateraho amabara meza, imfatiro zawe nzazishingisha safiro. Iminara yawe nzayubakisha amabuye abengerana, kandi urugabano rwawe nzarushingisha amabuye anezeza. Abana bawe bose bazigishwa n'Uwiteka, kandi bazagira amahoro menshi. Uzakomezwa no gukiranuka, agahato kazakuba kure kuko utazatinya, uzaba kure y'ibiteye ubwoba kuko bitazakwegera.

Ahari bazaterana ariko si jye uzaba ubateranije, uzagukoraniye wese azagwa ari wowe azize. Dore ni jye urema umucuzi uvugutira umurimo w'amakara agakuramo icyuma akoresha umurimo we, kandi umurimbuzi namuremeye kurimbura. Ariko nta ntwaro bacuriye kukurwanya izagira icyo igutwara, kandi ururimi rwose ruzaguhagurukira kukuburanya uzarutsinda. Ibyo ni byo murage w'abagaragu b'Uwiteka." YESAYA 54:11-17

Ababwiriza babi:

Bazavuga ibinyoma

Bazeza ibyaha n'abanyabyaha

Bazatera abantu kwanga ibyanditswe byera

Bazakundisha abantu ibyaha

"Nzi yuko nimara kuvaho, amasega aryana azabinjiramo ntababarire umukumbi. Kandi muri mwe ubwanyu hazaduka abantu bavugira ibigoramye, kugira ngo bakururire abigishwa inyuma yabo. Ibyakozwe 20:29-30"

"Bahora babwira abansuzugura bati 'Uwiteka yavuze ngo: Muzagira amahoro', n'umuntu wese ugendana umutima unangiye baramubwira bati 'Nta kibi kizakuzaho.'" Yeremia 23:17

"Wasuzuguye abiyobagiza bose amategeko wandikishije, kuko uburiganya bwabo ari ibinyoma." Zaburi 119:118

Muri iyi nyandiko muzamenyeramo ko muri uyu murimo uheruka wo kuzamura ibendera ry'Uwiteka imbere y'amahanga, ubugorozi buzerekana amahame y'Imana yagiye asiribangwa n'amadini, abigisha n'abahanuzi bibinyoma, maze ubugorozi bwerekane ayo mahame ingingo ku ngingo. "Nimusohoke munyure mu marembo mutunganirize abantu inzira, mutumburure, mutumburure inzira nyabagendwa muyikuremo amabuye, mushingire amahanga ibendera. Dore Uwiteka arategetse, ageza ku mpera y'isi ati: 'Nimubwire umukobwa w'i Siyoni muti 'Dore Umukiza wawe araje, azanye n'ingororano kandi inyiturano yo kwitura imuje imbere.' Bazabita ubwoko bwera, abacunguwe n'Uwiteka, kandi uzitwa Ahashatswe, Umurwa utatawe.' YESAYA 62:10-12

Ivugurura rizasaba buri wese wemera ukuri kokugomba kumweza, kukamuhindura akaba icyaremwe gishya.

"Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse

bishya."2 Abakorinto 5:17.

Mugusoma niho muzamenyera ko uwanze ubugorozi aba ahisemo kuyoba n'ubuhumyi. "n'ubuhenzi bwose bwo gukira-nirwa ku barimbuka, kuko batemeye gukunda ukuri ngo bakizwe.Ni cyo gituma Imana izaboherereza ubushukanyi bukomeye cyane ngo bizere ibinyoma,kugira ngo abatizeye iby'ukuri bose bakishimira gukiranirwa, bacirwe ho iteka."2ABATESALONIKE2:10-12

Kandi ko uwanze ivugurura aba ahisemo ishusho yo kwera gusa n'urupfu muby'Umwuka. "Nuko hanura uvuge uti: 'Uku ni ko Umwami Uwiteka avuga ngo: Baguhinduye amatongo bakumira bunguri baguturutse impande zose, kugira ngo mu-be inzungu z'abasigaye bo mu mahanga kandi mukaba igitore-ro cy'abanyamagambo, mukavugwa nabi na ruban-da,"EZEKIYELI36:3

Tubifurije kuyoborwa n'amahame yera no guhindurwa na yo. "Ariko none mwiya mbure ibi byose: umujinya n'uburakari, n'igomwa no gutukana, kandi ntihakagire amagambo ateye isoni aturuka mu kanwa kanyu. Ntimukabeshyane ubwo mwiya mbuye umuntu wa kera n'imirimo ye, mukambara umushya uhindurirwa mushya kugira ngo agire ubwenge, kandi ngo ase n'ishusho y'Iyamuremye." ABAKOLOSAYI 3:10

-1-

IVUGURURA NI IKI?

Ivugurura risobanurwa guhinduka uva mu bibi ujya mu byiza, uva mu ntege nke ujya mu mbaraga. No mu buzima busanzwe ikintu kivugururwa gikurwa mu bubi kikagirwa cyirwose mugize imitima mishya (soyez transformés par le renouvellement de l'intelligence), kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye"ABAROMA12:2

"Iyaba buri mutima wose wakangukaga! Ugahinduka umuyoboze w'ubwami bwo mu ijuru ukegurira byose Kristo. Ijambo ry'Imana ntiriduhumuriza ko umunyabyaha ababarirwa ngo akomeze gukora icyaha. Hari ibyo asabwa kugira ngo ababwirwe ari byo kwakira Kristo, kwihana no kwatura ibyaha bye maze agahinduka mushya. Benshi bitirirwa izina ry'ubukristo ntibigeze bahinduka. Guhinduka bisobanuye ivugurura (Conversion means renovation). Umunyabyaha agomba kwinjira mu rugendo rwo kwivugurura. Agomba gusanga Yesu. Agomba kuzibukira akamenyero kabi yimitse. Ubugande bwe n'imico mibi agomba kubizana muni y'ubutware bwa Kristo bitaba ibyo ntashobora kugirwa umukozi ukorana n'Imana. Kristo afite icyo akora n'umunyabyaha afite uruhare rwe akora. Imibereho ya Kristo ihinduka imibereho y'igikoreho muntu. Binyuriye mu mbaraga ivugurura y'Umwuka

w'Imana, umuntu atunganirizwa kuba umuntu ushyitse muri Kristo."LLM 103

"Abafarisayo n'abasadukayo basanga Yesu bamusaba iki-menyetso kivuye mu ijuru. Mu gihe cya Yosua ubwo Abisirayeli barwaniraga n'abanyakanani i Betihoroni, izuba ryarahagaze kubw'itegeko ry'uwo mugaba kugeza intsinzi ibonetse; kandi hari n'ibindi bitangaza nk'ibyo byagaragariye mu mateka yabo. Nuko basaba Yesu ikimenyetso kimeze gityo. Ariko ibyo bimenyetso si cyo kintu Abayuda bari bakeneye. Ibihamya bigaragara inyuma gusa ntacyo byazaga kubungura. icyo bari bakeneye, ryari ivugurura ry'iby'Umwuka (spiritual renovation) si ukugwiza ubwenge."DA 406

-2-

UBUGOROZI NI IKI KANDI BUKORANA BUTE N'IVUGURURA?

"Ivugurura n'ubugorozi bigomba kubaho biyobowe n'Umwuka Wera. Ivugurura n'ubugorozi ni ibintu bibiri bitandukanye. Ivugurura ni uguhinduka mushya mu mibereho y'iby'Umwuka, ikanguka ry'imbaraga z'intekerezo n'iz'umutima, ni izuka ribātūra umuntu akava mu rupfu rw'iby'Umwuka. Ubugorozi bwo bisobanura kongera gusubizaho gahunda, ihinduka ryo mu bitekerezo no mu nyigisho, akamenyero n'ibikorwa. Ubugorozi ntibuzera imbuto nziza zo gukiranuka butomatanye neza n'ivugurura ry'iby'Umwuka. Ivugurura n'ubugorozi byombi bifite uruhare rwabyo bigomba gushoza, ariko bigomba kugenda byomatanye muri uwo murimo." -RH 25 Gashyantare 1902. "Yeremiya yari umwe mu bari bateze ibyiringiro ku ivugurura rirambye mu by'Umwuka nk'umusaruro w'ubugorozi bwo mu gihe cya Yosiya. Yahamagariwe n'Imana kuba umuhanuzi akiri umusore." CC 237

"Uwiteka Nyiringabo Imana ya Isirayeli ivuga itya iti 'Nimugorore inzira zanyu n'ingeso zanyu, nanjye nzabaha gutura aha hantu.'" Yeremiya 7:3

AKAMARO K' IVUGURURA

“Ahari ukwizera bigaragazwa n’imirimo myiza. Abarwayi barasurwa, abatishoboye barafashwa, impfubyi n’ababpfakazi ntibongera kwirengagizwa, abambaye ubusa barambikwa n’abakene bakagaburirwa. Kristo yagendaga hirya no hino agira neza, rero iyo bantu babaye umwe na we babigaragariza mu gukunda abana b’Imana maze kwiyoroshya n’ukuri bikayobora intambwe zabo. Umucyo wo mu maso habo uhishura ikibarimo maze abantu bakamenya ko babanye na Yesu kandi bakamwigiraho. Kristo n’umwizera bahinduka umuntu umwe maze ubwiza bw’imico ye bukagaragarira mu bafitanye isano nzima na soko y’imbaraga n’urukundo. Kristo ni umutunzi ukomeye wo gukiranuka gutsindishiriza umunyabyaha kandi ni we buntu bweza.”TR 36

“Umwuka uva mu kuri n’umucyo uzadukangura kandi utuvugurure ukoresheje imikorere yabyo itangaje; kuko kwivugurura kwacu kose mu by’Umwuka (for all our spiritual improvement comes from God) kuva ku Mana ntikuba kuri twe. Umukozi wese nyakuri azagira imbaraga mvajuru yo kumufasha, ariko umunabwo we ntacyo Umwuka w’Imana uzamumarira.”TR 43.

“Ikirenze “ntugakore iki” Turiho mu kinyejana cy’ibibi bishishana. Imbaga nyamwinshi yahindutse imbata y’imigenzo n’akamenyero k’ibyaha kandi iminyururu ibaboshye iragoye

kuyica. Gukiranirwa kumeze nk'umwuzure kuratembana isi. Ibyaha by'inkoraruguma biteye n'ubwoba kubivuga birakorwa buri munsinyamara ibyo ntibibuza abavuga ko ari abarinzi ku nkike z'I Siyoni kwigisha ko amategeko yari ay'Abayuda bonyine kandi ko yavanyweho n'ubwiza bwaje buherekeje ubutumwa bwiza. Mbese kuba abagabura narubanda bakomeje kwigisha ko amategeko atakitugenga ntibifitanye isāno n'ibibi n'ubwigomeke bimaze kuba gikwira?

Imbaraga z'iteka ry'amategeko y'Imana ziragutse cyane, ntizigarukira gusa ku bibi dukora ahubwo zigera no mu byiza tudakora. Ntitukitsindishirize niba hari kimwe mu byo Imana idusaba twirengagiza gukora. Ntitugomba kureka gusa gukora ibibi ahubwo tunagomba kwiga gukora ibyiza. Imana yaduhaye imbaraga zo gukoresha imirimo myiza, turamutse tutazikoresheje nta gusidikanya tuzashyirwa mu mugabane w'abagaragu bakiranirwa kandi b'abanebwe. Byashoboka ko tutaregwa gukora ibyaha by'inkoraruguma, imbere y'amazina yacu mu gitabo cy'Imana hashobora kuba hatanditswe ibyaha nk'ibyo, ariko igihe cyose ibikorwa byacu bitemewe n'ab'ijuru ko bitunganye, ari byiza kandi biboneye, ni ikimenyetso cy'uko tutavuguruye italanto twabikijwe (have not improved our entrusted talents), ibyo na byo bitumye tuzacirwaho iteka."TR 40.

Nubwo umuntu yaba ari intyoza, akunda impaka z'ibyanditswe no kuzana udushya, aramutse adafite umutima wahindutse byaba ari ubusa.

"Tugomba gutera umugongo ingingo igihumbi z'inyigisho zikunda gukangaranya abantu. Hari ingingo zibereyeho kuma-

ra igihe no guteza ibibazo mu bantu gusa nyamara zikazaso-
reza mu busa. Ubushishozi, imbaraga no kwitonda bigomba
gukoreshwa hagenzurwa ingingo z'ingenzi bihebuje, nyamara
kenshi usanga ari byo bikoreshwa mu bidasobanutse.

Kwemera inyigisho nshya byo ubwabyo ntibizana imi-
bereho mishya mu bugingo. Ndetse no kuba umenyeranye
n'ukurin'inyigisho z'ingenzi byonyine ni iby'agaciro gake iyo
bidashyizwe mu bikorwa. Dukwiriye kumva ko ari inshingano
yacu guha imitima yacu ibyokurya bizagaburira kandi biga-
hembura imibereho y'iby'Umwuka.

Dore ikibazo twebwe tugomba kwiga 'Ukuri ni iki; kwa kuri
kugomba gusigasirwa, kugakundwa, kukubahwa kandi kukum-
virwa? Abarundukiye muri siyansi baratsinzwe imihati y'im-
itima yabo ntiyabageza ku kumenya Imana. icyo basabwa ku-
baza muri iki igihe ni iki: 'ukuri kuzadushoboza kubona agakiza
k'imitima yacu ni ukuhe?' "TR 69

"Nuko rero bakundwa ubwo muburiwe hakiri kare mwir-
inde mutayobywa n'uburiganya bw'abanyabyaha mukareka
gushikama kwanyu' 2 Petero 3:17. Ndababwira ko hakwiriye
kubaho ivugurura ryuzuye hagati muri twe (there must be a
thorough revival among us). Hagomba kubaho abakozi
bāhīndutse. Hagomba kubaho kwatura ibyaha, kwihana no
guhinduka. Benshi mu babwiriza Ijambo ry'Imana bakeneye
ubuntu buhindura bwa Kristo mu mitima yabo. Ntibari
bakwiriye kwemerera inzitizi n'imwe yakoma mu nkokora
umurimo ugomba gusohozwa igihe kitararenga by'iteka ry-
ose." —Ibaruwa 51, 1886.

"Ubuntu Kristo atera mu mutima ni bwo buwuremamo
urwango rwo kwanga satani. Hatabayeho ubwo ubuntu buhin-

dura n'iyoy mbaraga ivugurura (Without this converting grace and renewing power), umuntu yakomeza kuba ingaruzwamuheto ya satani, agahinduka umugaragu uhora yiteguye gukora ibyo amubwiye." GC 406;550

Iyo ivugurura rigeze mu mutima

Iyo ivugurura rigeze mu mutima umuntu yubaha Imana kandi akayikorera abikuye ku mutima.

"Ni cyo gituma mpirimbanira kugira umutima utandega ikibi, ngirira Imana cyangwa abantu iminsi yose." IBYAKOZWE 24:16

"Ni ukuri iminwa yanjye ntizavuga ibyo gukiranirwa, N'ururimi rwanjye na rwo ntiruzariganya...Kugeza ubwo nzapfa sinzikuraho kuba inyangamugayo. Gukiranuka kwanjye ndagukomeje ntabwo nzakurekura, Ntabwo umutima wanjye uzagira icyo unshinja nkiriho." YOBU 27:4-7

"Kristo aganira na Nikodemu yamubwiye muri aya magambo ngo: 'Kwiga si cyo ukeneye cyane nk'uko ukeneye ivugururayo mu mutima (inward renovation). icyo ukeneye cyane si ugushira amatsiko y'ibyo ushaka kumenya nko kugira umutima mushya. Kandi kugeza igihe uzaba utaragera kuri iryo hinduka ryo mu mutima ngo rihindure byose bishya, nta gakiza byaguhesha nkuganirije iby'ubushobozi bwanjye, umurimo wanjye n'icyanzanye nk'uwatumwe n'ijuru.'" CSW 64

"Ibihe runaka haba ubwo amagambo yo gucyaha no guhana aba ngombwa. Abahabiye kure y'inzira itunganye bagomba gukangurwa (be aroused) ngo berekwe akaga kabugarije. Hakwiriye gutangwa ubutumwa bubavana mu bitotsi biziritse inzira zabo z'ubwenge (senses). Hakwiye kubaho ivu-

gurura ry'iby'Umwuka (moral renovation), bitaba bityo abantu bakazarimbukira mu byaha byabo. Mureke ubutumwa bw'ukuri bumeze nk'inkota ityaye amugi impande zombi, bwishakire inzira kandi bwahuranye umutima. Mukoreshe ihamagara ribasha gukangura abanenganenzi, rikagarura ku Mana abapfu n'abararagiriye kure."CW 13

"Gutsindishirizwa no kugirwa mushya: Mu buzima bwe Wezileyi yari yaritangiye kubwiriza ukuri gukomeye yari yakiriye ariko gutsindishirizwa kubwo kwizera mu maraso ya Kristo aduhongerera n'imbaraga y'Umwuka wera ivugurura umutima umuntu akeramubuto kandi akagira imibereho y'icyitegererezo cya Kristo."VSS 384

"Nanditse ntakebakeba mvuga ku mabwiriza nari mpawe gutanga. Kuri ubu, buri wese ni ugusama aye maze tukanesha ibyiyumviro byo gukiranirwa bibyuka mu mitima yacu. Iyo twemereye satani gusohora ubusabwe bw'ibyobyiyumviro mu magambo yacu, tuba tumufashije mu murimo we. Abizera bagize amatorero yacu bakeneye kongera kwihana, bakeneye ivugurura rizanwa n'imbaraga y'Umwuka wera ngo ribahindure abana b'Imana, abagize umuryango wayo. Reka buri mwizera wo mu bagize amatorero yacu acishe bugufi umutima we, yature ibyaha bye bwite kandi yibuke ko Imana ifitanye intambara n'abatumye umurimo wayo udatere imbere bitewe n'imico yabo mibi ikeneye kongera gukosorwa."SpTB07 (1906) Chap 10 unity in Christ

"Icy'ibanze rubanda rwari rukeneye ni ukuvuka bundi bushya mu by'Umwuka, gukuraho ibyaha byabahindaniye n'ivugurura rizanwa n'ubumenyi nyakuri no kwera kwimbitse."4Red 14

"Umurimo w'abagabura n'abanditsi ugomba gutegurira

abantu gusanganira Imana. Urugero rw'ukuri rwamanuwe mu mukungugu. Iyobokamana no kwera k'umuryango kuri ubu bigomba kubahwa kuruta uko byigeze bibaho. Umwuka wera nk'umufasha, weza kandi w'umuhannyi agomba gukora umurimo w'ingenzi muri kino gihe. Niba hariho igihe byabaye ngombwa ko abantu bagendana n'Imana nka Henoki, Abadiventisite b'umunsi wa karindwi babikeneye ubu, berekanisha kumaramaza kwabo amagambo abonyeye, atunganye, yuje impuhwe, ubwuzu n'urukundo. Ariko ntibigomba kugarukira aha. Ibihe runaka haba ubwo amagambo yo gucyaha no guhana aba ngombwa. Abahabiye kure y'inzira itunganye, bakeneye ikirenze amagambo aryohereye ngo kibagarure mu nzira itunganye. Ivugurura ry'iby'Umwuka (Moral renovation) rigomba kuba muri buri mutima bitaba ibyo imitima ikarimbukira mu byaha byayo. Iyaba twarashyize mu bikorwa inyigisho zikubiye mu gice cya 12 cy'Abaroma, tubatwarabaye abizera nyakuri. Abafite ukwizera k'uguhimbano, bazerekanisha imico yabo ya buri munsi ko atari abakristo nyakuri. Abambaye Kristo bazahindurwa n'ivugurura ry'imitekerereze yabo. Kubw'inararibonye yabo bwite bazahamya icyo ububushake bw'Imana bwiza, bwemewe kandi butunganye ari cyo." PH070 (1899) Ellen G. White.

"Twacumuye ku Uwiteka... Ntuhweme kudutakambirira Uwiteka Imana yacu" 1Samweli 7:6, 8

"Samweli yasuye imidugudu n'ibirorero byo mu gihugu hose, agendereye kugarura imitima ya rubanda ku Mana ya ba sekuruza kandi imihati ye ntiyabaye impfabusa. Nyuma yuko Abisirayeli baburagijwe n'abanzi babo imyaka 20, batakambiye Uwiteka. Samweli abagira iyi nama: "Niba mugata-

rukira Uwiteka n'imitima yanyu yose, nimwikuremo imana z'abanyamahanga na Ashitaroti, mutunganirize Uwiteka imitima yanyu abe ari we mukorera musa, na we azabakiza amaboko y'Abafilisitiya." Aha turahabona ko kwera gushyizwe mu bikorwa n'iyobokamana ryo mu mutima byigishijwe mu gihe cya Samweli nk'uko byigishijwe na Kristo igihe yari hano ku isi. Hatariho Ubuntu bwa Kristo iyobokamana y'imigenzo igaragarira inyuma gusa ntacyo yari imariye Isirayeli ya kera. Ni ko binameze kuri Isirayeli ya none."CC 145

"Ivugurura nk'iri rikomotse mu iyobokamana nyakuri ryo mu mutima rirakenewe muri iki gihe nk'uko byabaye mu Isirayeli ya kera. Kwihana ni yo ntambwe ya mbere igomba guterwa n'abifuza kugarukira Imana bose. Uyu ni umurimo utakorerwa n'undi. Buri muntu ku giti cye tugomba gucishiriza bugufi imitima yacu imbere y'Imana maze tukajugunya ibigirwamana byacu. Nitumara gukora ibyo dusabwa gukora byose, Uwiteka azatwereka agakiza ke."CC 145

"Imana iragukunda kandi igufitiye impuhwe. Reka umutima wawe umenekere imbere yayo. Atura icyaha cyawe, wakire imbabazi, uhagarare imbere y'Imana utsindishirijwe ufite kwicisha bugufi ko mu mutima. Ubwinanirwe bw'umutima wawe bushyire kuri Kristo kandi ntutuze utarabona ivugurura rishyitse mu buryo ukoramo imirimo yawe yose (a most thorough renovation of your methods). Urajenjetse kandi ufite akamenyero ko kutagira icyo witaho mu mikorere yawe. Ugomba guhindura ako kamenyero. "14MR 212

"Hasigaye agahe gato cyane, agahe gasigaye ni kagufi kandi buri wese azageragezwa bishishana. Dukeneye ivugurura

ry'ubuntu bw'Imana mu mitima rya buri munsi kugira ngo ridushoboze kuzamuka urwego rwo gutungana intambwe ku ntambwe, turushaho kuzamuka hejuru mu nzira iyobora mu ijuru, ku kwera ndetse no ku Mana."RH May 18, 1905

Mu muryango

Iyo ivugurura rigeze mu muryango buri wese aba igisubizo cya mugenzi we. Ntawe uba umutwaro ku bandi ahubwo ahora akumbuwe.

"Ariko Yehoyada ashyize kera agera mu za bukuru arapfa. Ubwo yapfaga yari amaze imyaka ijana na mirongo itatu avutse. Bamuhamba mu mudugudu wa Dawidi hamwe n'abami, kuko yakoze ibyiza mu Bisirayeli no ku Mana, no ku nzu ye." 2 NGOMA 24:15-16

"Mu miryango yacu turasabwa kuba ab'igikundiyo kuruta uko bigaragara ubu. Igihe bene data b'abayobozi bazasogongera ku Mwuka wa Kristo buri munsi, bazaba abikundirizwa by'ukuri kandi gukabakabwa no kugira impuhwe ntibazabifata nk'intege kuko ni bimwe mu mahame agize ubutumwa bwa Kristo. Inyigisho ya Kristo yoroshya umutima kandi ikawutera kuganduka. Ukuri nikwakirwa mu mutima kuzavugurura ubugingo(will work a renovation in the soul). Abakunda Kristo bazakunda n'imitima yapfiriye. Ukuri gutewe mu mutima kuzahishura urukundo rwa Kristo n'imbaraga yako ihindura. Ikintu cyose kirimo gukariha, gusharira no gutwaza igitugu ntikiva kuri Kristo ahubwo gikomoka kuri Satani. Kudacyera abandi, kudakabakabwa no kutagira impuhwe bimaze kwigarurira inkambi y'Isirayeli. Twongeye tu-

kareka ibi bibi bikongera guhabwa intebe nk'uko byagenze mu myaka yashize, amatorero yacu yazagwa mu nyifato iteye agahinda. Buri mwigisha wese w'ukuri akeneye amahame yo gusa na Kristo mu mico ye. Umuntu wese witoza kuyoborwa n'ubuntu bwa gikristo ntazarangwa no gukambya agahanga, gukankama no kugaragaza agasuzuguro..."TM 156

"Nyina w'abana agomba kurangwa no kwitegeka gutunganye, ntagire icyo akora cyakangura mu mwana umwuka w'agasuzuguro. Ntagomba gutegekesha ijwi ry'ubukana. Azunguka byinshi narinda ijwi rye ntiriterere hejuru kandi rikaba iry'igikundiro. Nakorere umwana we icyatuma yegerana na Yesu. Namenye ko Imana ari umufasha we, urukundo n'imbaraga ze. Niba ari umukristokazi urangwa n'amakenga, ntazagerageza narimwe guhatira umwana kumvira. Asengana umwete kandi uko asenze agatekereza ku mbaraga ivugurura y'Umwuka wera. Abona ko uko iyo mbaraga iri kumukoreramo ariko iri gukorera no mu mwana we. Agahinduka umunyagikundiro kandi wumvira. Ubwo urugamba akaba arutsinze. Ukwihangana kwa nyina w'abana, amagambo ye avuganwa amakenga menshi, biba byarakoze umurimo wabyo. Hakabaho amahoro nyuma y'umugaru, ameze nk'umucyo w'izuba imvura ihise. Maze abamarayika bakomeje kwitegereza iyo ntambara bakarangurura amajwi y'in-dirimbo z'ibyishimo."ST, April 1, 1903

Mu itorero

Iyo ivugurura rigeze mu itorero, buri wese aharanira kubera abandi icyitegererezo.

"Arababwira ati: 'Mundebereho, uko ngira namwe abe ari ko

—UBUGOROZI—

mugira. Ningera ku ngabo za mbere munyitegererezeho, ibyo mubona ngira abe ari ko mugira namwe.' " ABACAMANZA 7:17

"Ibyo nabigishije, ibyo nababwirije, ibyo mwanyumvanye, n'ibyo mwambonanye abe ari byo mukora. Ni bwo Imana itanga amahoro izabana namwe." ABAFILUPI 4:9

"Mugere ikirenge mu cyanjye, nk'uko nanjye nkigera mu cya Kristo." 1 ABAKORINTO 11:1

"Mwebwe n'Imana ni mwe ntanze ho abagabo b'uburyo twameranaga namwe abizera turi abera, dukiranuka kandi tutariho umugayo." 1 ABATESALONIKE 2:10

"Mbere yuko abakozi biteguye gukora uyu murimo ukomeye batumwa mu birere bakoramo, mu itorero hakwiye kubamo ihinduka ritajenjetse ritazagwa neza abigaramiye. Hakwiye kubamo ikanguka n'ivugurura ry'iby'Umwuka(There must be an awakening, a spiritual renovation). Igipimo cy'ubushyuhe (temperature) bwo kwera kwa gikristo kigomba kuzamuka. Hagomba gushyirwaho igenamigambi kandi rigashyirwa mu bikorwa ryatuma ukuri gukwirakwira mu bihugu byose byo ku isi. Satani arashyeshyenga abavugakoari abayoboke ba Kristo akabaryamisha mu gihe imitima iri kurimbukira ahabazengurutse hose. None ni uruhe rwitwazo rw'ubunenganenzi bwabo baha Databuja?" 5T 203

"Iyo abizera bakorera mu bufatanye, umurimo wabo ugira imbaraga kubera gufatanya. Intsinzi y'umurimo wacu ishingiye ku rukundo dukunda Imana na bagenzi bacu. Igihe cyose hariho gukorera hamwe kwa buri mwizera mu bagize Itorero, igihe hazagaragara urukundo no kwiringirana ku muntu na mwene se, umurimo wacu wo gushakira imitima agaki-

za,uzagira ubushobozi n'imbaraga ku bwo gufatanya. Yemwe mbega ukuntu dukeneye ivugurura mu by'Umwuka mu buryo bukomeye!(how greatly we need a moral renovation!) Hatabayeho kwizera gukorera mu rukundo, ntacyo twabasha gukora. Iyaba nyagasani yabahaga imitima yakwakira ubu buhamya."TM 188. PaM 269

"... Imbaraga z'ubutaraga bw'itorero ry'Imana zigomba gukoreshwa mu mugambi ukomeye w'ivugurura rya buri wese ku giti cye (self-renovation); buri mwizera agomba kuba umukozi w'Imana w'umunyamwete. "Abefeso 2:18-22" Uyu ni umurimo wihariye ugomba gukorwa mu bufatanye bwuzuye, ubumwe bw'Umwuka n'umurunga w'amahoro. Nta mwanya tugomba guha ibinegu, gushidikanya no kutizera."5T 266

"...Muzi yuko nagenderaga imbere yanyu, uhereye mu buto bwanjye ukageza ubu. Ndi hano, nimunshinje imbere y'Uwiteka n'imbere y'uwo yimikishije amavuta. Mbese hari uwo nanyaze inka ye cyangwa hari uwo nanyaze indogobe ye? Ni nde nariganije ibye? Ni nde nahase? Cyangwa ni nde natse impongano ikampuma amaso, ngo mbibarihe?" Baramusubiza bati: 'Ntabwo waturiganije kandi ntabwo waduhase, nta n'icyo wanyaze umuntu wese.' Arababwira ati: 'Uwiteka n'uwo yimikishije amavuta, ni bo bagabo bahamya uyu munsi ko nta cyo mwambonyeho.' Baravuga bati: 'Ni we muhamya.' "

1SAMWELI 12:2-5

"Nimutwakire mu mitima yanyu dore nta we twagiriye nabi, nta we twononnye, nta we twariganije." 2 ABAKORINTO 7:2

Mu ibwirizabutumwa

“Buri mwizera wese ategetswe n’Imana gutekereza nk’uw’Umwuka, akirindira mu nzira y’umucyo kugira ngo abashe gutuma umucyo we umurikira mu isi. Igihe abantu bose binjiye muri uyu murimo wera w’ibwirizabutumwa bazakurira mu buntu no kumenya Yesu Umukiza, nibwo bazanga icyaha no kwikunda kose. Nibakomeza kwitegereza Kristo ivugurura ry’iby’Umwuka (moral renovation) rizajya mbere muri bo ubudatuza, base nawe kandi buzurire muri we badafite gukiranuka kwabo bwite ahubwo bafite ugukiranuka kwa Kristo Umukiza wacu.”SpTA02a 10

“Abirengagiza uyu murimo bigaragaza ko bakeneye ivugurura ry’iby’Umwuka kandi bazabona ko batigeze bikorera uburemere bw’umurimo.” PH118 3

“Aha hari abakozi baturutse mu bihugu by’amahanga. Bazanywe no kwirebera ngo basobanukirwe. Bamaramarije kubyaza umusaruro buri mahirwe yose babonye, kugira ngo basubire mu birere bakoreramo bamaze kuvugururwa n’ubuntu n’imbaraga y’Umwuka w’Imana. Niba ari inyangamugayo, nk’abigisha n’abayobozi mu murimo, bakwiriye kwikusaniriza ukuri kw’igiciro bazabwira abakozi bagenzi babo bakora mu birere byinshi bakorera mu mashami menshi atandukanye bashaka ko imitima imenya ukuri...”LS 420

“Nta mukozi ushobora kugera ku ntsinzi mu gihe asenga Imana afite ihubi, akagenda bwangu ngo ajye kwita ku byo atinya ko bishobora kwibagirana cyangwa kwirengizwa bigapfa. Ajya afata agahe akerekeza ku Mana interezo zijahagurika na byo akabikora gake akumva bihagije. Ntajya yiha agahe ko

gutekereza, gusenga no gutegereza Uwiteka ngo amuhe imbaraga z'ivugurura ry' iby'Umwuka n'impagarike. Arambirwa vuba. Ntiyiyumvamo imbaraga izāhūra ngo ahumekerwemo n'Umwuka w'Imana. Ntiyakiriye ikanguka rizanwa n'imibereho ihembuwe. Intekerezo ze zirambiwe n'ubwonko bwe burushye ntibyorohejwe n'isāno umuntu agirana n'Imana ku giti cye."LHU 263

"Ubu dukeneye Ubuntu bwinshi, ubu dukeneye ivugurura ry'urukundo rw'Imana no kugaragaza ibimenyetso by'ubugiraneza bwayo kandi ushaka Imana by'ukuri ntizigera imwima ibi byiza n'imigisha mvajuru."2MCP 799

"Umuryango wa mwene muntu ukeneye ivugurura ry'iby'Umwuka, umwiteguro w'imico kugira ngo bazabashe guhagarara imbere y'Imana. Hari imitima myinshi yiteguye kurimbuka bitewe n'ibinyoma biboneka mu nyigisho mpimbano zimaze kuba gikwira zigambiriye kugwabiza ubutumwa bwiza. Ni bande baziyegurira burundu kuba abakozi bakorana n'Imana?"CCh 67

"Abimitse inarijye bagomba kwerekwa kandi bakumvishwa ko ivugurura rikomeye ry'iby'Umwuka ari ingenzi niba bashaka kuba abantu. Imana irabahamagarira gukanguka maze mu mbaraga za Kristo bakongera kwigarurira ubumuntu Imana yari yarabahaye maze bo bakabugurana kwimika icyaha."CH 439

UBWAKA BUTANDUKANYE

“Ibyahozeho ni byo bizongera kubaho, kandi ibyakozwe ni byo bizongera gukorwa, nta cyadutse munsi y’ijuru.”
UMUBWIRIZA 1:9

Ubwaka ni iki?

Ni umwete ugurumana ushobora guterwa n’ubujiji cyangwa ubwibone butera nyirabwo kurengera ibitari ukuri akaba yanabipfira cyangwa agahutaza abo batumva kimwe. Imana yanga ubwaka: “Ntugakabye gukiranuka kandi ntiwigire umunyabwenge burengeranye. Ni kuki wirimbuza?”
UMUBWIRIZA 7:16. Abaka babayeho, bariho kandi baza-horaho. Intego ya buri mwaka ni ukurengera imyumvire ye aho kurengera iby’Imana. Bakunda inyigisho za rwihereranwa kandi kurutaho bakunda abadashishoza babayoboka badasobanuje. “Umuswa yemera ikivuzwe cyose, Ariko umunyamakenga yitegereza aho anyura.” IMIGANI 14:15

“Ariko amagambo y’amanjwe atari ay’Imana uyazibukire, kuko abayavuga bazarushaho gushayisha, kandi ijambo ryabo rizaryana nk’igisebe cy’umufunzo. Muri abo ni Humenayo na Fileto, kuko bayobye bakava mu kuri bavuga ko umuzuko wamaze kubaho, bakubika kwizera kwa bamwe.” 2 TIMOTEYO 2:16-18

Bamwe mu baka babayeho:

Sedekiya 1 Abami 22:11-13

Yihimbiye gucura amahembe abeshya ngo ni Uwiteka wamutumye, arwanya umukozi w'Imana Mikaya rubanda baramuyoboka kandi ibinyoma bye ni byo byicishije umwami Isirayeli imera nk'inzuki zitagira urwami.

Thomas Munzer TS 199; GC 191

Yari umuyobozi w'umutwe w'ubwaka mu gihe cya Luteri. Yivugagaho ko yari afite umuhamagaro w'ijuru wo gushyiraho ubugorozi nyakuri. Ubwaka bwabo bwabateye gutwika Bibliya bavuga bati: inyuguti iricisha Umwuka niwo utanga ubugingo. Babangamiye umurimo w'ubugorozi bwo mu gihe cya Luteri kuruta Ubupapa.

Ubwaka bwo mu 1843

Abaka bo mu mwaka 1843-1844, bavugaga ko bafite Umwuka wera, bagera mu materaniro bakihirika nk'uruziga. Bigeze bararika Madame White mu materaniro yabo abasubiye agira ati: Ntabwo duhuje umuyobozi. Bigeze mu mwaka wa 1850 haduka undi mutwe w'ubwaka bahamyaga ko bafite ikimenyetso cy'ijuru, bemeraga ukuri igice bakagira n'ibinyoma byinshi bipfuye. Bari abanyagitugu bavuga ko batagikora icyaha kugeza ubwo abagabo basangira abagore. MC vol2 p.32,34

“Abagabo n’abagore bavugaga ko bayobowe n’Umwuka wera baremaga amateraniro bose bambaye ubusa. Bavugaga ibyerekeranye n’umubiri wejejwe. Bagahamya ko barenze intambwe yo kugwa mu bishuko maze bakaririmba batera hejuru n’urusaku rwinshi cyane. Aba bagabo n’abagore ntabwo bari abantu babi ahubwo bari barashutswe barayoba...ni satani wari uri guhindanya umurimo w’Imana kuko icyo byabyaye ni ugutwarwa n’irari ry’umubiri. Umurimo w’Imana wakojejwe isoni, bitewe n’abo baka, ukuri mu kwera kwako kugaragurwa mu mukungungu.”NL 51

Abakusi n’ababaturwa

Aba kubwo gukabya bashaka kwemerwa n’Imana byabateye kureka umunyu, korora amatungo, kwanga kujyana abana mu ishuri, gutema insina, kwanga ibyangombwa n’ibindi... ibyo byabagejeje ku yindi ntambwe bakuraho amahame yashyizweho n’Imana ariyo: umubatizo, ifunguro ryera, ubukwe, kimwe mu icumi n’amaturu... bavuga ko ari imihango yacyuye igihe. Ubwaka bwabagejeje mu irindagiza riteye ubwoba banga Bibliya bagera ubwo biyita imana basoreza mu bupagani. Iyo myemerere yabateranije na leta, ibatera ipfunwe mu ivugabutumwa, batukisha ubutumwa bwiza mu madini no mu bapagani. Baba nk’abo mu 1900 banzwe batazize kwera no gukiranuka.

“Byageze ubwo abategetsu babyivangamo maze bamwe mu bayoboye ubwo bwaka barafatwa barafungwa. Abari muri mu nzu y’imbohe bavuga ko kuba leta yabyivanzemo ari akarengane bari gukorerwa bazira ukuri ibyo bituma ukuri

gutwikirizwa umwitero wahindanijwe n'ibizinga by'umubiri... Natanze imicyaho iva ku Mana mvuga ku mikorere nk'iyi, nerekana uburyo yari ifite ingaruka mbi ku kuri igatuma kwangwa kandi kugatera rubanda iseseme....

Natanze ubuhamya bwanjye mvuga ko iyo mitwe y'abaka, yuzuye induru n'urusaku yari iyobowe n'umwuka wa satani, ni we wakoreragamo ibitangaza ngo ayobye n'intore niba bishoboka."NL 52

Abiyitaga abera

Nabo bigerejeho bavuga ko bafite imbaraga yo kudakora icyaha biyita abera n'abaziranenge. Kandi no kuvuga ayo magambo ubwabyo ni icyaha!"Nituvuga yuko ari nta cyaha dufite tuba twishutse, ukuri kuba kutari muri twe."1Yohana 1:8

Tumumenye

Uyu mutwe nawo wadutse mu minsi mike ishize bavuga ko ibyo Yesu yakoreye umuntu bihagije ntibemera uruhare rw'umuntu mu gakiza ke ari rwo kumvira no kwirinda. Kuri bo gukora ibyaha ni gahunda y'umubiri ngo Yesu yarabirangije nacyo bitwaye bazajya mu ijuru kuko Imana yaribahereye Ubuntu.

Aba baka batumye imitima ikunda icyaha ikanga gukiranuka itekanira mu byaha yanga kurwana intambara yo gukiranuka no kwezwa. Ababayobotse bose batera umugongo inzira ifunganye yo kwikorera umusaraba wa Kristo. "kuko bavuga

amagambo akakaje yo kwihimbaza, bashukashuka abari mu ihunga ryo guhunga abagenda bayobye, babashukashukisha irari ry'umubiri n'imigenzo y'isoni nke. Babasezeranya umu-dendezo nyamara ubwabo ari imbata z'ibiboze, kuko icya-nesheje umuntu kiba kimuhinduye n'imbata yacyo." 2Petero 2:18-19

"Mwirinde hatagira umuntu ugwa akava mu buntu bw'Imana...."Abaheburayo 12:15;

"Kuko ubuntu bw'Imana buzanira abantu bose agakiza bwabonetse, butwigisha kureka kutubaha Imana n'irari ry'iby'isi, bukatwigisha kujya twirinda, dukiranuka, twubaha Imana mu gihe cya none."Tito 2:11.

"Nubwo ari iby'ukuri ko Imana ikiranuka mu gutsindishiriza umunyabyaha binyuriye mu byo Kristo yakiranutse, na ni ukuri ko nta muntu n'umwe wakwambikwa ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo agikomeje gukora ibyaha azi cyangwa kwirengagiza inshingano azi. Imana ishaka ko umuntu ayegurira umutima wose mbere yuko atsindishirizwa. Kugira ngo umuntu abashe kugumana gutsindishirizwa kwe, arasabwa kumvira kudatuza, kwizera kuzima kurangwa no gukora, gukoreshwa n'urukundo kandi kukeza ubugingo." 1SM 366; MC vol1,p 429

"Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu Kristo.' Yohana 17:3 mu kwitegereza Kristo nibwo uzahindurwa kugeza ubwo uzazinukwa ubwibone bwawe bwa kera, ubwirasi, kwishyira hejuru, kwihangira gukiranuka no kutizera. Ibi byaha uzabita kure yawe nk'ujugunya umutwaro

w'imburamumaro, maze ugende wiyoroheje imbere y'Imana, uri umugwaneza kandi uyiringira. Uzarangwa n'urukundo, kwihangana, ubupfura, ubugiraneza, imbabazi n'ubuntu bwose butura mu mwana w'Imana, maze ku musozo uza-barwe mu bera bejejwe." 1SM 388

Abarakare

Ni umutwe wahanuwe muri Bibiliya n'umwuka w'ubuhanzu kandi mu bihe byose wagiye ubaho. "Abo ni amasoko akamye kandi ni ibihu bijyanwa n'inkubi y'umuyaga, barindawe umwijima w'icuraburindi." 2 Petero 2:17

"Ariko abo bantu batuka ibyo batazi ndetse n'ibyo bazi, babwirijwe na kamere yabo barabyiyononesha nk'inyamaswa zitagira ubwenge. Bazabona ishyano kuko bagendeye mu nzira ya Kayini, bagahomboka birukanka batirinda, bakiroha mu cyaha cya Balamu bohejwe n'ibiguzi, bakarimbukira mu bugome bwa Kora." Yuda 1:10-11

"Mu ma torero yacu hari abavuga ko bafite ukuri ariko bakaba inkomyi ku murimo w'ubugorozi. Badadira inziga z'imodoka y'agakiza. Kenshi aba bantu bahora mu makuba. Gushidikanya, ishyari no gukeka ari byo mbuto zo kwikunda, bisa n'ibiboheranije na kamere yabo. Uyu mutwe nawita abarakare bahora bavurunga itorero. Bakora ibibi ku buryo abagabura babiri batashobora gusubiza mu buryo ibyo bangirije. Babereye itorero umutwaro kandi baremerera cyane abagabura ba Kristo. Imibereho yabo ni iyo gushidikanya, ishyari, no kwibwira bakekeranya. Igihe kinini abahagarariye Kristo basabwa gukora biruhije umurimo wo kubibura ibyo

bakoze, maze bagasubizaho ubumwe bw'itorero bugendera kuri gahunda. Ibi bigabanya umwete n'Imbaragaby'abagaragu b'Imana maze bigatuma badashobora gukora umurimo yabashinze wo gukiza imitima izimira ngo itarimbuka. Aba bahungabanya Siyoni, Imana izabagororera ibihwanye n'imirimo yabo." Ev 370, 371; ST, September 4, 1879; Ev 334

Aho abarakare batandukanira n'indi mitwe: Iyo bakoze **ibyaha ntibemera gucyahwa PP 404;**

"Ariko niba mudahanwa nk'abandi bose, noneho muba muri ibibyarwa mutari abana nyakuri."Abaheburayo 12:8; "Ucyaha umukobanyi aba yikoza isoni, Kandi uhana umunyabyaha aba yihamagariye ibitutsi."Imigani 9:7

Ni abigomeka ku Mana no ku itorero. Iyo babuze urufatiro rw'ibyo barengera bahitamo guhimba ibinyoma. Urwango rubaterakwibasira buri wese batumva kimwe bamuvunderezaho ibinyoma by'uburyo bwose. Bamera nka Kayini watambye ikidakwiriye abicyahiwe yanga Imana na mwene nyina.

Bagera ikirenge mu cya Kora wagiriye Mose ishyari amuteranya n'abantu amuhimbira ibinyoma ko abashakaho inyungu.

Ni ihuriro ry'abasanganywe kwinuba n'ingeso mbi.

"Ubwo umuyobe azaba akomeje inzira ye, yiyemeje ko imibereho ye itazayoborwa n'amahame ya Bibiliya, kandi ashaka kuyobokwa na benshi, mbega ukuntu abantu bose badafitanye isano n'umurimo w'Imana batazatinda guhomboka bakamukurikira! Abantu bahindutse kandi bashikamyeye mu kurintibazigera na mba babona icyiza cyangwa inyungu mu

nyigisho n'icyitegererezo cya bene uwo. Ibiri amambu, abasanganywe imico mibi, imitima itejwe n'ibiganza byanduye, bafite imibereho itagira icyo yitaho kandi b'abanyamahane mu ngo zabo, batari abiringirwa mu byo bakorana n'abandi; abo bose bazayoboka ibitekerezo by'uwo muyobe. Bose babishatse bashobora kugenzura uwo muntu n'inyigisho ze barebeye ku mico y'abamuyobotse." 1SM 45

Kimwe n'abandi b'akazuyazi bose, abarakare banga inyandiko zera zibacyaha cyangwa zikerekana ubuyobe bwabo.

"Hazabaho abagabo n'abagore bazasuzugura gucyahwa bahaguruke babirwanye kuko nta muntu unezezwa n'uko ibibi bye bishyizwe ahabona. Hafi y'igihe cyose gucyaha bibaye ngombwa, hazabaho bamwe batazashikurwa na gato n'uburyo Umwuka wera w'Imana yatewe agahinda maze umurimo w'Imana ugakozwa isoni. Bene abo bazagirira impuhwe abari bakwiriye gucyahwa bitewe no kugundira ubucuti basanganywe. Izo mpuhwe zitejwe zituma ba nyirazo basangira igicumuro nanyiri gucyahwa. 3T 359; TE vol1, p.394 kandi iyi si izaba ari igisekuru cy'abarakare b'indashima, bafite ishusho yo kwera b'abanyabinyoma buzuye ubwibone n'ubuhakanyi." PR 138; PK 185

Ibi byose byarasohoye kandi birakomeje. Hadutse abakabya, abanyeshyari, abakeka ibibi, abashidikanya," Evangelism, p.370-371

***Abarakare b'ubu banga ivugurura
bavuga ko: ryavuye kuri satani.***

Bakoresheje kugoreka inyandiko yo mu Bakurambere n'abahanuzi y'ikinyarwanda p 18, ahavuga ko " satani yashatse kuvugurura (improve/amender) amategeko y'Imana. Nyamara aha ntihavugako satani ari we wazanye ivugurura kuko mu Nyadiko z'ibanze (Premiers écrits p.145) havuga ko satani yashatse kugorora ingoma y'Imana. Iyi myumvire y'abarakare iramutse yemewe, byaba bivuze kon'ubugorozi bwazanywe na satani! Nyamara ntibikabeho! Ivugurura n'ubugorozi byavuye ku Mana. (1SM 128; MC vol1, p148) Kuba satani yaragerageje ikidashoboka ari cyo gushaka kuvugurura amategeko y'Imana no kugorora ingoma yayo, ntibyagirwa urwitwazo rwo kwanga ivugurura rigendereye guhindura imitima n'imico.

Aho abarakare n'ababayobotse bageze:

Aho umwuka w'ubuhanuzi werekanye ibyabo, barawanga bati: Bibiliya yonyine.

Benshi ntibacyishimira ihame ryo kwirinda Banga umugayo ugomba guhabwa abacumuye banze kwihana, nyamara bo bakawuha abatumva nka bo nta cyo bacumuye. Kwizera ibinyoma ni byo bibahesha abayobokeye. Uzi guhimba ibinyoma bimuhesha kuba intumwa. Bahindagurika ku binyoma byabo hitawe ku gihe, aho bari n'uwo bahuye nawe. Nta butumwa bafitiye isi yuzuye ibyaha igizwe n'amoko, amadini n'ibihugu.

"...Bagarambiye umwiteguro ukenewe; nuko ntibashoboye kwakira ivugururwa iryo bose bagomba kugiraUmwiteguro p.13.

“Abagabura ba Kristo bagomba guhagarara neza ku murimo wabo ntibakomwe mu nkokora n’aba bakozi ba Satani. Ibyo bibazaho, ibyo banenga n’ibyo bashidikanya bizahoraho, kandi abagabura nibemera kujya babihugiramo bizabatwara igihe bagakoresheje mu murimo ukomeye wo gutanga ubutumwa bukiza kandi buheruka buburira isi. Niba hari itorero ridashoboye gucecekesha iyo myumvire itejewe yo kwigomeka kw’abarakare baririmo, byaba byiza ko abagabura bareka iryo torero n’abarakare baryo aho gutakaza imyanya y’agaciro yo kujya gukiza abantu amagana bashobora kurema amatorero meza y’abashobora kugira imbaraga, ubumwe ndetse n’ubushobozi.” Ev 370-371; ST, September 4, 1879.

“Mu bihe byose habayeho ivugurura ry’iby’Umwuka no gusukwa kw’Umwuka wera byagiye bikurikirwa n’umwijima w’iby’Umwuka no guhindana gukomeye.” 1SM 130

“Satani ni umurezi wa bene data kandi umwuka we ni wo wuzuye mu bantu bahora barebuzwa amakosa n’ubutandame biri mu bwoko bw’Imana maze bakabitindaho cyane nyamara ibikorwa byabo byiza bakabirenza amaso nk’aho batabibonye. Igihe cyose satani aba afite umwete muri ibyo, mu gihe Imana iri ku murimo wogushakira imitima agakiza. Iyo abana b’Imana baje kuyishengerera satani nawe azana na bo. Muri buri vugurura ryose ribayeho aba yiteguye kwinjizamo abafite imitima itejewe n’ubwenge budashikamye. Iyo bamaze kwemera ingingo zimwe mu zigize ukuri maze bakabarwa mu bizera, satani abakoreramwo bakinjiza inyigisho zizayobya abatararinze izamu ryabo. Nta muntu n’umwe wakwemerwa ko ri umukristo nyakuri ngo ni uko aboneka mu iteraniro ry’abana

b'Imana ibyo gusa, kabone nubwo yaba aboneka mu nzu yo gusengeramo ndetse akaba no mu bakikiza ameza y'Umwami. Mu ishusho y'abo ashobora kwifashisha nk'ibikoresho bye, incuro nyinshi satani yizihiza imihango ikomeye tugira."4SP 244

Amavugurura nyakuri n'ingirwamavugurura (True revivals and Counterfeit):

"Muzabamenyera ku mbuto zabo. Mbese hari abasoroma imizabibu ku mugenge, cyangwa imbuto z'umutini ku gitovu? Nuko igiti cyiza cyose cyera imbuto nziza, ariko igiti kibi cyera imbuto mbi." Matayo 7:16-17

"Mbere yuko isi igendererwa n'amateka y'Imana aheruka, mu bwoko bw'Imana hazabamo ivugurura ryo kubaha Imana ritigeze ribaho kuva mu gihe cy'intumwa. Umwuka w'Imana n'ubushobozi bwayo bizasukwa ku bana bayo. Muri icyo gihe benshi bazatandukana n'ayo matorero aho gukunda isi bya-simbuye gukunda Imana n'ijambo ryayo. Benshi bo mu bizera ndetse n'abagabura, bazakirana umunezero uko kuri gukomeye Imana yagennye ko kubwirizwa muri iki gihe ngo gutegurire ubwoko bwayo kuza kwa Yesu. Umwanzi w'imitima yifuza gukoma mu nkokora uyu murimo; mbere yuko ivugurura nk'iryo ribaho azihatira kurirwanya, akoresheje kuzana amavugurura kinyoma...."FLB 326

"Aho muzabona abantu basuzugura ubuhamya bwa Bibiliya, bagatera umugongo uko kuri gusuzuma imitima, gusaba kwiyanga no gutandukana n'isi, bene aho muzamenye neza ko nta mugisha w'Imana wigeze ahasukwa." FLB 326

“Mu gihe abamarayika bagifashe imiyaga ine, turasabwa gukora mu bushobozi bwacu bwose. Tugomba kujyana ubutumwa bwacu tudatindiganije. Tugomba gutanga ubuhamya imbere y’ibiremwa byo mu ijuru n’imbere y’abantu bo muri iki gisekuru cyahindanye ko iyobokamana yacu ari ukwizera n’ubushobozi bikomoka kuri Kristo kandi ijambo rye ryavuzwe n’Imana. Imitima y’abantu ishyizwe ku munzani. Bazagaramara ko ri abayoboke b’ubwami bw’Imana cyangwa se imbata zitwazwa igitugu na Satani. Bose bagomba guhabwa amahirwe yo gusingira ibyiringiro byabashyizwe imbere mu butumwa bwiza, none bakumva bate ari ntawababwirije? Umuryango wa mwene muntu ukeneye ivugurura ry’iby’Umwuka, gutegura imico, kugira ngo uzabashe guhagarara imbere y’Imana. Hari imitima myinshi yiteguye kurimbuka bitewe n’inyigisho z’ibinyoma bimaze kuba gikwira bigambiriye kugwabiza ubutumwa bwiza. Ubu ni bande biteguye kwitanga byuzuye kugira ngo bahinduke abakozi bakorana n’Imana?” 6T 21

-5-

IVUGURURA IGISUBIZO CY' AMASENGESHO.

Ivugurura si ibihimbano by'ababwiriza, ntiryakomotse ku bashakashatsi, si abanditsi barivumbuye kandi si n'imvugo igezweho yo kurata gusa mu magambo. Ni uburyo Imana ikoresha ibyayo bikava mu magambo bikajya mu bikorwa bikuzura imitima y'abayiyoboka.

“Nimugaruke mwa bana basubiye inyuma mwe, nzabakiza gusubira inyuma kwanyu. 'Dore turakwitabye kuko uri Uwiteka Imana yacu.' Yeremiya 3:22

“Ubwo muzaba mumaze kuzibukira kuyoborwa n'ubushake bwanyu n'ubwenge bwanyu bwite maze mukigira kuri Kristo, ni bwo muzemerwa mu bwami bw'Imana. Imana ibasaba kuyigandukira byuzuye mutizigamye. Muyiharire umurimo wo kuyobora imibereho yanyu, kuyitunganya nokuyiboneza. Mwikorere umutwaro wayo. Mwemere ibigishye kandi ibayobore. Mumenye ko mudashobora na mba kwinjira mu bwami bw'ijuru muramutse mudahindutse nk'abana bato.” 1SM 110; MC vol1,p 129

“Ivugurura rizaza gusa ari igisubizo cy'amasengesho: ikin-tu cyihutirwa kuruta byose kandi gikomeye gihebuje amakene yacu yose, ni ivugurura ryo kubaha Imana nyakuri muri twe. Kurishaka bigomba kuba umurimo wacu w'ibanze. Birakwiye ko hakoreshwa imihati imaramaje ngo twakire imigisha y'Ima-

na, si uko Imana idashaka kuyidusukaho ahubwo biterwa n'uko tutiteguye kuyakira. Data watwese wo mu ijuru yiteguye guha Umwuka wera abawumusaba kuruta uko ababyeyi bo ku isi biteguye guha impano nziza abana babo. Ariko ni ahacu kwatūra, kwicisha bugufi, kwihana no gusengana umwete mwinshi ngo twuzuze ibisabwa maze Imana ibone uko iduha imigisha yadusezeraniye. Tugomba gutegereza ivugurura riza-za gusa ari igisubizo cy'amasengesho." 1SM121 ; Pr 116

"Muri iki gihe hakenewe ivugurura nyakuri ry'iyobokamana yo mu mutima nk'iryigeze kuba mu Isirayeli ya kera. Dukeneye kwera imbuto zikwiriye abihannye nka bo maze tukazibukira ibyaha byacu, tugakura umwanda uba mu rusengeru rw'umutima kugira ngo Yesu abashe kuwuturamo. Hakenewe amasengesho menshi asenganywe umwete. Ku muntu wihana kandi winginga by'ukuri, Umukiza yamusigiye amasezerano. Bene uwo ntazashakira mu maso He ubusa. Na none kandi We ubwe yadusigiye icyitegererezo cyo kutwigisha akamaro ko gusenga. We ubwe Cyubahiro cy'ijuru ni kenshi yagiye acyesha ijoro asābāna na se mu masengesho. Niba Umucunguzi w'isi igihe yari yambaye umubiri atari aboneye cyane, atari umunyabwenge cyane kandi akaba atari uwera cyane ari byo byatumaga ashaka ubufasha ku Mana, birumvikana ko twebwe abanyanteye nke bayoba kandi bapfa dukeneye ubwo butabazi mvajuru. Buri mukristo nyakuri wese, akoresheje kwihana ibyaha no kwizera azegera intebe y'ubuntu kenshi kugira ngo abone imbabazi n'ubuntu bwo kumufasha mu gihe cy'amakuba." Signs of the Times, January 26, 1882 ; Pr 116

"Abakozi b'abakristo ntibazigera na mba bagera ku ntsinzi

ihebuje kugeza ubwo bazaba bamaze kwiga bagasobanukirwa ibanga ry'imbaraga. Bagomba gufata agahe ko gutekereza, gusenga no gutegereza Imana ngo ibahe ivugurura ry'imbaraga z'impagarike, iz'intekerezo n'iz'iby'Umwuka. Bakeneye ihembura riva ku Mwuka. Nibamara kuryakira bazakanguka bikoze n'imibereho yagize ihembura. Intekerezo zicogoye n'ubwonko burushye bizahembuka, umutima urushye uzahabwa ikiruhuko." HP 83

-6-

INGARUKA YO KWANGA IVUGURURA.

"Kuko batemeye gukunda ukuri ngo bakizwe Imana izaboherereza ubushukanyi bukomeye ngo bizere ibinyoma." 2 Abatesalonike 2:10-11. "Umunyabyaha ahabwa ibihembo by'ibishukano, ariko ubiba gukiranuka azabona ibihembo by'ukuri." Imigani 11:18. **MBEGA KUGWAKUNINI!**

"...Kandi kugwa kwayo kwabaye kunini..." Matayo 7:27 "Kwanga ivugurura ni ukugwa kunini. "Ababyawe n'Imana bese bahinduka abakozi bakorana na Kristo. Bene abo ni bo munyu w'isi. Mbese umunyu nukayuka uzaryoshywa n'iki? Niba iyobokamana yacu itavugurura imitima kandi ngo yeze imiberereho yacu, yabasha ite kugira icyitegererezo gikiza ku batizera? Ntacyo iba ikimaze keretse kujugunywa hanze abantu bakayikandagira. Idini ridakoresha imbaraga ivugurura ab'isi ntacyo ryaba rimaze. Ntitugomba kuryizera kuko ntiryaduhesha agakiza. Ibyiza ni ukuryanga tudatindiganije kuko ni iry'ibinyoma kandi ntacyo rimaze." 5T389; TE vol 2.p154

"...abakiriye umucyo ukomeye ariko ntibawugenderemo bazagerwaho n'umwijima ungana n'umucyo bari barakiriye bakawukerensa." Témoignages. Aux Pasteurs p.134; TM p.163.

"...Muri icyo gihe imvura y'itumba; cyangwa ivugururwa riturutse k'Uwiteka rizaza, gutera imbaraga ijwi rirenga rya marayika wa gatatu ..." Umwiteguro p, 54

"Ni cyo gitumye mbabwira yuko abantu bazababarirwa icyaha cyose n'igitutsi, ariko gutuka Umwuka ni icyaha kitazababarirwa. Kandi umuntu wese usebya Umwana w'umuntu azababarirwa, ariko usebya Umwuka Wera ntazababarirwa, naho haba mu gihe cya none cyangwa mu gihe kizaza." Matayo 12:31--32; Mariko 3:28--30

"Icyaha cyo gutuka Umwuka wera ni ikihe? Ni ukwitirira satani umurimo w'Umwuka wera ku bushake." TE vol 2 p.312

"Iyo bantu bashidikanije ibihamya babanje kwemera bakabireka, satani aba azi ko abo ashuka batazagarukiraho..." TE vol 2 p.337

Aho ivugurura rihurira no : -Kubyarwa ubwa kabiri

"Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya." 2ABAKORINTO 5:17

"Kubyarwa ubwa kabiri, gutsindishirizwa no guhinduka ni ryo banze. None se gukurira muri Yesu byo ni iki? None se ibyo tunyuramo ubuzima bwacu bwa buri muni rimwe na rimwe twita urugendo rwo kwezwa byo ni ibiki? Abakristo bayawe ubwa kabiri by'ukuri ntibavuga Kristo ku rurimi gusa ahubwo babaho imibereho ihamya ko mu by'ukuri ari abayoboke b'Umwami Yesu. Ivugurura ni ukubyarwa ubwa kabiri (Revival is being born again). Ubugorozi ni ukubaho imibereho yo kumvira binyuze mu mbaraga y'Umwuka wera

(reformation is living a life of obedience through the power of the Holy Spirit) ijuru rihora ryiteguye kuducuncumuraho."TR 7

"Mugomba gutangira gushakira Imana aho muri. Mugomba kubyarwa ubwa kabiri. Hagomba kubaho ivugurura, imibereho mishya iremewe muri mwe, kugira ngo mutaba abagaragu b'icyaha cyangwa irari ry'umubiri. Abana banyu bagomba guhinduka. Mufite umurimo w'ingenzi mugomba gukora."ST, July 22, 1889

"Igihe cyarageze ko ab'ubu bwoko bongera kubyarwa ubwa kabiri. Abatarigeze babyarwa ubwa kabiri n'abibagiwe kobakuwe mu byaha byabo bya kera bakaba batakiriba kure, bakaba basubiye mu kamenyero kabo ka kera ko kuvuga nabi, kunegura abandi, kuba inkomyi y'umurimo, muri rusange bakitambika mu nzira y'iterambere ryawo, byababera byiza bahindutse. Imana ishaka ko wahindikakandi ibasha kugufasha kugira ngo uyu murimo utere imbere. Imana ibereye imbaraga ubwoko bwayo bwemera kugendera kuri gahunda. Hagomba kubaho ivugurura no kongera gusubizaho gahunda (There must be a renovation, a reorganization); inama zacu z'ingenzizigomba gushyirwamo imbaraga n'ubushobozi. Buri wese muri mwe najye iwe mu rugo atajyanywe no gusoma ngo acukumbure, yongere acukumbure maze acukumbure, ahubwo ajyanywe no gusenga. Mutahe iwanyu mujye gusenga. Muvugane n'Imana. Mujye iwanyu mwingingye Imana ngo ibaboneze kandi ibatunganirize gusa n'ab'ijuru."MISCELLANEOUS COLLECTIONS 1888; Chap 203

Aho ivugurura rihurira no : -Guhinduka

“Mvuge iki ngo mpumure amaso y’abatabona kandi murikire imyumvire y’iby’Umwuka! icyaha kigomba kubambwa. Ivugurura ry’iby’Umwuka ryuzuye rigomba gukorwa n’Umwuka wera (A complete moral renovation must be wrought by the Holy Spirit). Tugomba kugira urukundo rw’Imana kandi tugaturwamo n’ukwizera kuzima. Iyi niyo zahabu yatunganirijwe mu muriro. Dushobora kuyibonera gusa muri Kristo. Uyishaka wese amaramaje kandi afite umwete azasangira kamere n’Imana. Ubugingo bwe buzasonzera cyane kumenya ukuzura kwa rwa rukundo rurenze ubwenge. Uko azajya mbere mu mibereho mvajuru, azarushaho gusingira ukuri kw’ijambo ry’Imana guhanitse kandi gukungahaza. Kugeza ubwo kurwitegereza bizamutera guhinduka bikamushoboza kurabagirana ishusho y’Umucunguzi we.”5T 105

Aho ivugurura rihurira no : -Kwezwa

“Reka habeho ivugurura ry’ukundo rwa mbere n’umwete wo mu gihe cya mbere. Ngaho shaka kandi ugarure abo wazimije, ukoresheje kwatūra ibyaha womore inguma z’abo wakomerekeje. Egera wa mutima wera wuje urukondo n’impuhwe, maze ureke iyo sōko y’impuhwe mvajuru itembere mu mutima wawe isohoke igere no mu mitima y’abandi. Reka urukundo n’imbabazi Yesu yagaragarije mu mibereho ye y’igiciro cyinshi bitubere urugero rw’uko tugombo gufata ibiremwa bagenzi bacu by’umwihariko bene data muri Kristo.”CCh 255.

“Guturwamo na Kristo buri munsi biba byaramubereye ivugurura rya buri munsi ryo kwitanga no gutera imbere mu kwezwa kw’impagarike yose. Mu cyimbo cyabyo imico ya Yuda yuzuwemo na kamere ya kimuntu yagushijwe mu rujijo n’uburyo yafataga iyobokamana, maze iyo miterere ye aba ari yo agira nyambere.”RH, October 12, 1897

“Bitewe no gusobanukirwa nabi imiterere, ukudahinduka ndetse n’ubutware bw’amategeko y’Imana, byagushije abantu mu kwibeshya ku bihereranye no guhinduka no kwezwa, maze bituma mu itorero urugero rwo kwera rugwa hasi. Aha ni ho hahishwe ibanga ryo kubura Umwuka n’imbaraga y’Imana mu mavugurura yo mu gihe cyacu.”FLB 326

-7-

**IJAMBO IVUGURURA RIBONEKA
MU BYANDITSWE BYERA NO MU
NKORANYAMAGAMBO
(DICTIONARY)**

“Nuko mbona marayika wundi aguruka aringanije ijuru, afite ubutumwa bwiza bw’iteka ryose ngo abubwira abari mu isi, bo mu mahanga yose n’imiryango yose, n’indimi zose n’amoko yose.” Ibyahishuwe 14:6

“Undi agahabwa gukora ibitangaza, undi agahabwa guhanura, undi agahabwa kurobanura imyuka, undi agahabwa kuvuga indimi nyinshi, undi agahabwa gusobanura indimi.” 1Abakorinto 12:10

“Indimi zose zo mu isi nubwo ari nyinshi zite nta rudafite uko rusobanurwa.” 1 Abakorinto 14:10. Hari bamwe bavuga ko Bibiliya ari inkoranyamagambo (dictionnaire), ibyo bigatera bamwe kuyisobanura nabi. Bibiliya si dictionnaire yo gusobanura amagambo kuko muri:

-Yesaya 58:12 mu kinyarwanda havuga : “ uzitwa uwica ibyuhoh”, mu giswahili : “ Utaitwa mwenye kutengeneza”

-Matayo 12:1 Havuga ko Yesu n'abigishwa be banyuze mu

murima w'amasaka, mu gifaransa havuga ko banyuze mu murima w'ingano, mu cyongereza hakavuga ko banyuze mu murima w'ibigori.

-Daniyeli 1:12. (ikinyarwanda n'icyongereza) Daniyeli ati: baduhe ibishyimbo. (Igiswahili) Baduhe amasaka: mutama. (igifaransa) Baduhe imboga : Légumes.

-Nehemiya 4:2 havuga ngo : ziriya mbwa z'abayuda ziragira ibiki, Naho mu zindi ndimi bavuga abanyantegere nke, (ces juifs impuissants). Mu giswahili: Wayahudi hawa wanyonge.

-Daniyeli 1:16 mu Kinyarwanda no mu gifaransa havuga igisonga naho mu cyongereza bakamuvugaga mu izina (Melzar)

Tubibutse ko mu gusobanura indimi "Ijambo rimwe ryagira ubusobanuro bwinshi..." MC vol.1 p.23. 1SM p.20

Mu gusobanuro indimi habaho ubusobanuro mpamo (sens propre), ubusobanuro ngereranyo (sens figuré) n'ubusobanuro bwagutse (sens large), byose biterwa n'icyerekezo cy'umwanditsi.

Ntuzatangare ubonye ijamba reformation risobanurwa ngo ubugorozi (LDE p.189), ahandi risobanurwa ngo: gutunganywa. (Abaheburayo 9:10) ahandi rivugaga na none guhinduka (JC, p. 549;DA 555)

ESE BIRAKWIRIYE GUKOresha DICTIONNAIRE DUSO-
BANURA INDIMI?

"...Kristo yaje kubwiriza abakene ubutumwa bwiza. Yasangaga abantu aho babaga bari, yabazaniraga ukuri koroheje bashoboraga kumva..."RH July 19,1887,... baba ari abatindi, abatarize n'injinji bashoboraga kumwumva. Nta n'umwe wagombye gukenera dictionnaire (inkoranyamagambo), kugira ngo abone ubusobanuro bw'amagambo yavaga ku minwa y'umwigisha ukomeye isi itigeze imenya.RH July 19/1887. Ibi ntibivuga urundi rurimi ahubwo ni uko Kristo atakoreshaga imvugo zisobetse zigoye kumva kandi natwe ni byo dutegukwa igihe tubwiriza.

"Kristo yatangaga ibyigisho bye akoresheje ibigereranyo bisobanutse cyane ku buryo n'injiji kuruta abandi yabaga yiteguye kubisobanukirwa. Mu bibwirizwa bye ntiyakoreshaga amagambo maremare cyangwa aruhije kuyumva. Yakoreshaga imvugo zoroheje zibasha kumvwa na rubanda rwa giseseka. Ntiyakoreshaga imvugo zihanitse zisobetse ku buryo ntawashobora ku mukurikira."GW 170

Ababwiriza "...ntibazabona agahe ko kubara udukuru; ntibazamaranira kuba ababwiriza b'ibyatwa bategurana ubuhanga buhanitse ku buryo ntawabakurikira; ahubwo mu mvugo yoroheje n'umuhati wo gushaka gufasha imitima, bazabwiriza ukuri nk'uko kuri muri Yesu."1SM 157

Aha rero ntihabuza abantu gukoresha inkoranyamagambo (dictionary) igihe bahuye n'urundi rurimi badasanzwe bavuga kuko ubutumwa bumaze kugera mu mahanga y'indimi zitan-dukanye byasabagako habaho gusobanura babiri cyangwa ba-tatu. 1 Abakorinto 14:26--27

Ku bw'ibyo dictionnaire ikwiriye gukoreshwa mu guso-banura indimi nk'uko yakoreshejwe no mu gihe cya Ellen white basobanura amagambo atumvikana.

" ... Amazina aruhije gusobanura (compliqués /intricate) afite umugambi wo guhisha ikivugwa, kugira ngo umuntu ata-menya ubwoko bw'imiti ahawe keretse afite dictionnaire iso-banura ayo mazina. " MC vol2, p. 337 ;2SM 295

"Ni amahirwe ku basore n'inkumi zacu mbere yuko byansaba kurushya ubwenge bwabo mbasobanurira impamvu zo kwizera kwacu. Carey umwe mubabwirizabutumwa bak-omeye, igihe kimwe ubwo yari umushonnyi w'inkweto woro-heje, yarakabakabwe cyane ubwo yari abonye itsinda ry'aban-tu bari bakiri mu mwijima batazi ibyanditswe byera. Byamu-sabaga gukora umwuga we aho yakoreraga akabifatanya no kuba afite inkoranyamagambo (dictionary) imbere ye, uko yakoraga umurimo we nayo akayigana umwete. Yahozaga umutima ku murimo we kandi asengana umwete, maze agakomeza kwegeranya ibitabo, ntiyigeza atuzaza kugeza ubwo yaje kuba inzobere mu ndimi eshatu. Amaherezo yaje kuba umubwirizabutumwa utumwa mu gihugu cya kure kandi yagi-raga intsinzi ku murimo. RH may 3, 1887; Matayo 28:19, Ibyahishuwe 14:6

—UBUGOROZI—


Ijambo kuvugurura muzindi ndimi risobanurwa:

Mu giswahili: Kuhuisha, kufanya upya, kurejesha....

Mu gifaransa: Renouveler, restaurer, réhabiliter, rénover, amender, régénérer...

Icyongereza: To revive, to restore, to renew, to improve, to update, to renovate, to regenerate, to amend...

Bibiliya yera ihuriro ry'ibitabo (Biblos) isobanurwa ngo "Ibyanditswe byera" 2 Timoteo 3:16. Ivugurura Risobanurwa ngo:" Guhinduka, Gusibura, Gusana, kunoza, ihembura... Abaroma 12:2; Yesaya 58:12; Yesaya 61:4.



ISANO IRI HAGATI Y' UBUGOROZI, IKANGUKA N'IVU- GURURA

“Kanguka, kanguka wambare imbaraga zawe Siyoni, ambara imyambaro yawe y’umurimbo Yerusalemu umurwa wera, kuko uhereye none utakebwe n’uwanduye batazongera kukwinjiramo.” YESAYA 52:1

“Ariko nijoro mu gicuku habaho urusaku ngo ‘Umukwe araje, nimusohoke mumusanganire!’ Maze ba bakobwa bose barahaguruka baboneza amatabaza yabo.” MATAYO 25:6

“Ni cyo gituma bivugwa ngo: ‘Usinziriye we, kanguka uzuke, Kristo abone uko akumurikira!’ ABEFESO 5:14

Nubwo haba ubwo amagambo atandukanye ahuza inyito hakurikijwe ikiri kuvugwa, ariko ubusanzwe ijamba ivugurura, ubugorozi n’ikanguka ni ibintu bitandukanye. Abantu barihanye baratura maze “...umwuka w’ubugorozi, ivugurura nyakuri n’ikanguka bihabwa icyicaro... the spirit of reformation and genuine revival and waking up had taken place.” 21MR No 1551

Nta wagorora neza kandi mu kuri asinziriye. Nta wakanguka ngo yange guhinduka ari ryo vugurura (LLM 103).

Nta wavuguruwe warwanya amahame kuko ari yo bugorozi nyakuri. Ukangutse gusa ntubone ivugurura waba uguye mu kaga k'abakobwa b'abapfu.

"Abakobwa b'abapfu bo bafashe amatara ntibajyana amavuta. Bo bayobowe n'igishyika. Ubutumwa bukomeye bwakanguye ubwoba muri bo nyamara kwizera kwabo kwari kwegamiye kukwa bagenzi babo, banyuzwe n'umucyo w'urumuri rucumba rw'ibishyika byabo, ariko ntabwo bari basobanukiwe ukuri mu buryo bwuzuye kandi ntabwo umurimo ushyitse w'ubuntu wari warakoreye mu mitima yabo. Barasohotse baja gusanganira Umukiza, buzuwemo n'icyiringiro cy'uko bagiye kwibonera ingororano zidashyize kera; ariko nta myiteguro bari bafite yahangana n'urucantego no gutinda kw'igihe. Ubwo ibigeragezo byabisukagaho, kwizera kwabo kwarayoyotse maze umucyo wabo urazima." GC 393

Abapfu bari ibyegamizi, ntibagiraga ivugurura, bubatse ku musenyi bava mu byo bizera.

Aho abapfu batandukaniye n'abanyabwenge:

"Nuko umuntu wese wumva ayo magambo yanjye akayakomeza, azaba nk'umunyabwenge wubatse inzu ye ku rutare, imvura iragwa, imivu iratamba, umuyaga urahuha, byose byikubita kuri iyo nzu ntiyagwa, kuko yari ishinzwe ku rutare." Matayo 7:24

"Abatuye isi hafi ya bose biryamiye mu gukiranirwa, ibinyoma n'ubuyobe; barasinziye, basinziye mu gicucu cy'urupfu. Ni nde ufite ibise by'imitima ngo ayikangure? ijwi ryayigeraho riri hehe? Intekerezo zanjye zerekejwe mu ie kizaza ubwo azumvikana urusaku no: 'dore umukwe araje nimukan-

guke mumusanganire' nyamara hari bamwe bazaba barakere-
 rewe gushaka amavuta yo kongera mu mperezo zabo, kandi
 bazashaka ya mico igereranywa n'amavuta baracyerere-
 cyane kandi ni imico umuntu atatiza undi. Nta muntu washo-
 bora kuyishakira undi. Buri wese ku giti cye agomba kugira
 imico yejejeheho buri kizinga cy'icyaha. Umukiza araje mu cyu-
 bahiro n'ubushobozi. Azaba ari umurimo we gushyira itan-
 dukaniro ryuzuye hagati yo gukiranuka no gukiranirwa. Ariko
 amavuta ntashobora guhererekanywa ngo agere no
 mumperezo z'abatayafite. Ubwo ni bwo amagambo ya Kristo
 azasohora ngo: icyo gihe abagabo babiri bazaba bari mu
 murima, umwe azajyanwa undi asigare, abagore babiri bazaba
 basya ku rusyo, umwe azajyanwa undi asigare. Abakiranutsi
 n'abakiranirwa bagomba kubana hamwe mu mirimo y'ubu
 buzima. Ariko Imana isoma imico, izi kugenzura ikamenya
 abana bayumvira abo ari bo, bayubaha kandi bakunda
 amategeko yayo." BEcho, May 4, 1896

"Mu gihe abapfu bafataga amatara ntibajyane amavuta,
 abanyabwenge bo bafashe amatara n'amavuta mu mperezo
 zabo. Iri tsinda ry'abanyabwenge ryari ryarakiriye Ubuntu
 bw'Imana, ari yo mbaraga ivugurura kandi imurika y'Umwuka
 wera (the regenerating, enlightening power of the Holy Spir-
 it), ari na yo ituma ijamba ry'Imana rihinduka itabaza ry'ibi-
 renge n'umucyo umurikira inzira. Bize ibyanditswe byera ba-
 shaka kumenya ukuri batinya Imana kandi bashakana umwete
 umutima uboneye n'imibereho yera. Aba bo bari bafite
 inararibonye umuntu ku giti cye, bizera Imana n'ijamba ryayo
 ku buryo batashoboraga kugushwa n'urucantege cyangwa

gutinda kw'igihe."GC 393

"Ivugurura n'ubugorozi bigomba kubaho biyobowe n'Umwuka Wera. Ivugurura n'ubugorozi ni ibintu bibiri bitandukanye. Ivugurura ni uguhinduka mushya mu mibereho y'iby'Umwuka, ikanguka ry'imbaraga z'intekerezo n'iz'umutima, ni izuka ribātūra umuntu akava mu rupfu rw'iby'Umwuka. Ubugorozi bwo bisobanura kongera gusubizaho gahunda, ihinduka ryo mu bitekerezo no mu nyigisho, akamenyero n'ibikorwa. Ubugorozi ntibuzera imbuto nziza zo gukiranuka butomatanye neza n'ivugurura ry'iby'Umwuka. Ivugurura n'ubugorozi byombibifite uruhare rwabyo bigomba gusohoza, ariko bigomba kugenda byomatanye muri uwo murimo." –RH 25 Gashyantare 1902.

"...Ivugurura ni uguhinduka mushya mu by'Umwuka, ikanguka ry'imbaraga z'intekerezo n'iz'umutima, ni izuka ribātūra umuntu akava mu rupfu rw'iby'Umwuka ..." Ibyaduka p.192.

-9-

ICYO IVUGURURA RIMAZE

Iyo ivugurura rigeze mu mico rirayihindura, ryagera mu mitima rikayiteguriza ubugingo buhoraho.

"Uwiteka araduhamagarira kongera kuvugurura ubuhama bwo gukiranuka bwatanzwe mu myaka ishize. Arararikira ivugurura ry'imibereho y'iby'Umwuka. Imbaraga z'iby'Umwuka z'ubwoko bwe zamaze igihe kirekire zihondobereye, ariko hagomba kubaho izuka ridukura muri urwo rupfu rugaragara. Tugomba gutunganya inzira z'Umwami w'abami binyuze mu masengesho no kwatura ibyaha "Ibyaduka p.177-178.

"...Mureke ijambo ry'Imana rivugane n'abantu, rivugurure imitima yabo kugira ngo itegurirwe ubugingo buhoraho". Imigani ya Kristo vol.1 p.12.

"Icyo dukeneye kuruta ibindi byose ni ivugurura ryo kubaha Imana nyakuri (a revival of true godliness among us is the greatest and most urgent of all our needs). Dukeneye gusigwa kuva ku Mana, dukeneye kubatizwa n'Umwuka wera ...Umwuka w'Imana wonyine ni wo wahembura ubushobozi bw'umutima wamaze gupfa maze ukawutera guha agaciro iby'ijuru kandi ukawurehereza ku gukunda Imana n'ukuri." GW 92 370

"Nihatabaho ivugurura n'ubugorozi, ubwoko bw'Imana ntibuzabasha guhagarara mu gihe cy'igeragezwa (God's people will not endure the test unless there is a revival and a reformation). 7T284

"Iyo Kristo agaragarijwe mu ngeso ni we utanga imbaraga zo guhindura abo uhura na bo bose. Mureke Kristo agaragarizwe muri mwe buri muni azabagaragarizamo imbaraga y'ijambo rye ryoroheje, ryemeza abantu nyamara rifite ububasha bwo kuvugurura abantu no kubashyiramo ubwiza bw'Uwiteka Imana yacu" Abahirwa ni bande p.111.

"Abakozi b'abakristo ntibazigera bagera ku ntsinzi ihanitse kugeza ubwo bazaba bamaze kwiga bakamenya ibanga ry'aho imbaraga zikomoka. Bagomba kwiha agahe ko gutekereza, gusenga no gutegereza Imana ngo ibahe ivugurura ry'impagarike, intekerezo n'ubushobozi bw'iby'Umwuka. Bakeneye guhemburwa n'Umwuka w'Imana. Nibamara kwakira iryo hembura bazakanguka kubw'imibereho ihembuwe. Imyumvire inaniwe n'ubwonko burushye bizahembuka umutima urushye kandi uremerewe uzaruhuka." HP 83

"Igihe amategeko y'Imana azaba avuguruwe agasubizwa mu mwanya wayo utunganye ni bwo hazabaho ivugurura ry'ukwizera ko mu gihe cya mbere no kubaha Imana mu bavuga ko ari ubwoko bwayo. Uwiteka avuga atya ati: 'Nimuhagarare mu nzira murebe kandi mubaririze inzira za kera, aho inzira nziza iri aho ari yo munyuramo, ni ho muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu. Ariko barahakana bati 'Ntituzayinyuramo'" Yeremiya 6:16. FLB 327

"Reka abeho ivugurura ryo kwizera n'imbaraga byariho mu itorerero rya mbere ni bwo umwuka w'akarengane uzahembuka

maze imiriro y'akarengane ikongezwe." SR 324

"Mbese ni kangahe abageze mu zabukuru bari kuva mu nshingano barimo nk'abacamanza, bashobora guhangara kuvuga ibyo gukiranuka kwabo bagira bati: ni nde muri mwe ubasha kunshinja icyaha? Ni inde wampamya ko ko nateshutse gukiranuka kwanjye nkakira impongano? Sinigeze nshyira ikizinga mu mateka y'imico yanjye nk'ushinzwe guca imanza zitabera. Kuri ubu ni inde ushobora kuvuga nk'uko Samweli yavuze ubwo yari agiye gutandukana n'ubwoko bw'Isirayeli igihe bwari bwamaramarije kwishyiriraho umwami? Mbega umucamanza w'imico myiza kandi w'intwari! Nyamara ikintu kibabaje ni uko uyu mugabo w'ubunyangamugayo budakebakeba yagombaga kwicisha bugufi ntiyirengere." CC 147

"Imana ifite ikirego kiremereye kivuga intege nke z'iby'Umwuka ku bagabura na rubanda igira iti: 'Nzi imirimo yawe, yuko udakonje kandi ntubire. Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize! Nuko rero kuko uri akazuyazi, udakonje ntubire, ngiye kukuruka. Kuko uvuga uti "Ndi umukire, ndatunze kandi ndatunganiwe nta cyo nkennye", utazi yuko uri umutindi wo kubabarirwa, kandi uri umukene n'impumyi ndetse wambaye ubusa. Dore ndakugira inama: unguho izahabu yatunganirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi, kandi unguho n'imyenda yera kugira ngo wambare isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara, kandi unguho umuti wo gusiga ku maso yawe kugira ngo uhumuke.' Imana iraduhamagarira kugira ivugurura ry'iby'Umwuka n'ubugorozi bw'iby'Umwuka. Nibiramuka bitabayeho ab'abakazuyazi bazakomeza kurushaho kuba ikizira mu maso y'Imana, kugeza

ubwo izaba itakibabara nk'abana bayo."RH, February 25, 1902
"Imana iraduhamagarira kuvugurura ubuhamya budakebake-
ba bwatanzwe mu myaka yashize. Iraduhamagarira kugira ivu-
gurura ry'imibereho y'iby'Umwuka. Hashize igihe kirerekire
imbaraga z'iby'Umwuka z'ubwoko bw'Imana zihondobereye,
ariko hazabaho kuzuka bave mu rupfu nk'urwo."SpTB07 41
"Mureke habeho kuvugururwa na ya mbaraga yari mu itorero
rya mbere ni ho n'akarengane k'abakristo kazahaguruka,
umuriro w'akandi karengane ukongezwe." Intambara ikomeye
nto p.15

IMIRIMO IZAKORWA N'ABAGOROZI NYAKURI

"N'abazagukomokaho bazubaka mu matongo yasenyutse,
uzongera gushinga imfatiro zariho ku ngoma nyinshi, kandi
uzitwa uwica ibyuhoh kandi usibura inzira zijya mu ngo. Yesaya
58:12

"Nuko bazubaka ahasenyutse, bazubura amatongo yabanje
kubaho, kandi bazasana imidugudu yasenyutse yamaze ibihe
byinshi ari imyirare." Yesaya 61:4

Imico iranga abagorozi nyakuri:

"Aha tuhabona imico y'abazaba abagorozi bazagendana iben-
dera ry'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, barahiriye kuba
abantu b'Imana bitondera amategeko yayo kandi bubaha Ima-
na, biyemeje imbere y'isi yose gusubizaho imfatiro za kera. Ni
nde ubita atyo, abica ibyuhoh, basibura inzira zijya mu ngo? Ni
Imana. Amazina yabo yanditswe mu ijuru ko ari abagorozi,
bavugurura, bagasubizaho imfatiro zariho ku ngoma nyinshi."
RH, Oct 1891.

ku maso yawe kugira ngo uhumuke.' Imana iraduhamagarira kugira ivugurura ry'iby'Umwuka n'ubugorozi bw'iby'Umwuka. Nibiramuka bitabayeho ab'abakazuyazi bazakomeza kurushaho kuba ikizira mu maso y'Imana, kugeza ubwo izaba itakibabara nk'abana bayo."RH, February 25, 1902

"Imana iraduhamagarira kuvugurura ubuhamya budakebakeba bwatanzwe mu myaka yashize. Iraduhamagarira kugira ivugurura ry'imibereho y'iby'Umwuka. Hashize igihe kirerekire imbaraga z'iby'Umwuka z'ubwoko bw'Imana zihondobereye, ariko hazabaho kuzuka bave mu rupfu nk'urwo."SpTB07 41

"Mureke habeho kuvugururwa na ya mbaraga yari mu itorero rya mbere ni ho n'akarengane k'abakristo kazahaguruka, umuriro w'akandi karengane ukongezwe." Intambara ikomeye nto p.15

IMIRIMO IZAKORWA N'ABAGOROZI NYAKURI

"N'abazagukomokaho bazubaka mu matongo yasenyutse, uzongera gushinga imfatiro zariho ku ngoma nyinshi, kandi uzitwa uwica ibyuhokandi usibura inzira zijya mu ngo. Yesaya 58:12

"Nuko bazubaka ahasenyutse, bazubura amatongo yabanje kubaho, kandi bazasana imidugudu yasenyutse yamaze ibihe byinshi ari imyirare." Yesaya 61:4

Imico iranga abagorozi nyakuri:

"Aha tuhabona imico y'abazaba abagorozi bazagendana ibendera ry'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, barahiriye kuba abantu b'Imana bitondera amategeko yayo kandi bu-

baha Imana, biyemeje imbere y'isi yose gusubizaho imfatiro za kera. Ni nde ubita atyo, abica ibyuhho, basibura inzira zijya mu ngo? Ni Imana. Amazina yabo yanditswe mu ijuru ko ari abagorozi, bavugurura, bagasubizaho imfatiro zariho ku ngo ma nyinshi." RH, Oct 1891.

"Kristo ni Umwami w'amahoro kandi ni umurimo we kuvugurura mu isi no mu ijuru amahoro yangijwe n'icyaha" Yesaya 9:6, Abahirwa ni bande p.28

"...Inzira y'ivugurura ni yo yonyine itugeza mu murwa w'Imana. Irafunganye kandi irembo twinjiriramo ni impatanwa; nyamara iyo ni yo dusabwa kuyoboramo abagabo, abagore n'abana, tubigisha ko kugira ngo bakizwe bagomba kugira umutima mushya n'intekerezo nshya (Regeneration is the only path by which we can enter the city of God. It is narrow, and the gate by which we enter is strait; but along it we are to lead men and women and children, teaching them that, in order to be saved, they must have a new heart and a new spirit). Inenge za kera kandi z'akarande zo mu mico zigomba kuneshwa. Ibyifuzo bya kamere byo mu mutima bigomba guhinduka. Ibinyoma byose, ibihimbano no kuvuga abandi nabi bigomba gushyirwa ku ruhande. Tugomba kubaho imibereho mishya ituma abagabo n'abagore basa na Kristo." TE vol 3 p.348; 9T23

"...Kristo ubwe ni we mbaraga ivugurura igakorera kandi igakoresha buri musirikare kubw'Umwuka wera. Umumaro w'Umwuka w'Imana uzatuma ibikorwa by'abifuzza bose kuyoborwa n'Umwuka biba ingirakamaro." YRP183; VRP183

"Igikombe cyose kizuzuzwa kandi umusozi wose n'agasozi bizaringaizwa, n'ahagoranye hazagororwa n'inzira zida-

haruwe zizaharurwa." Yesaya 40:4

" ... Nimugorore inzira zanyu n'ingeso zanyu,.. "Yeremiya 7:3"

Nuko rero bakundwa ubwo muburiwe hakiri kare mwir-
inde mutayobywa n'uburiganya bw'abanyabyaha mukareka
gushikama kwanyu" 2 Petero 3:17.

-10-

KURWANYA INDWARA

Kwikingira indwara: igarama 1 yo kwikingira inwara iruta garama 1000 zo kwivuza.

Secrets pour une vie saine p 14

Kwivura: ukoresheje:

- Kuruhuka
- Kunywa no kwiyuhagira amazi
- Gukoresha umubiri
- Kwiringira Imana
- Kwirinda
- Kota izuba
- Umwuka wa ogisijene
- Indyo yuzuye

Secrets pour une vie saine p 18

Iyi ni yo miti twahawe n'Imana iri hafi ya buri wese.

Kwizera: Gutega amakiriro ku Mana, kwemera ko igukunda, niyo izi ibyakubera byiza, integenke zawe ukazunga ku mbaraga zayo, ubupfapfa bwawe ku bwenge bwayo, ibyaha byawe ku gukiranuka kwa Yesuukaba ubaye umwana w'Imana. **Pour Un Bon Equilibre p.549**

Imana yifuriza umuntu kugira ubwenge, imico myiza n'amagara mazima.

Ubwenge :

- Kujijuka
- Kumenya
- Amakenga
- Kwivana mu bibi
- Kwitandukanya n'abavuga iby'ubugoryi
- Gushyira mubikorwa ibyo twizera
- Kwirinda indwara

Imigani 2:10-12; Matayo 7:24; Umubwiriza 7:12

Amagara mazima:

- Impagarike ishoboye inshingano
- Intekerezo zishoboye ibibazo
- Imico ikunda abantu

Secrets pour une vie saine p 11

Imico myiza irangwa:

- Kugira impuwe
- Umusabano
- Gutabara
- Kwitangira abandi
- Kwihanganirana

DORE UKO WAKWITABARA

“Ariko mwebweho abubaha izina ryanjye, Izuba ryo gukiranuka rizabarasira rifite gukiza mu mababa yaryo, maze muzasohoka muginagire nk'inyana zo mu kiraro.” Malaki 4:2

Bimwe mu bimenyetso biranga impyiko zirwaye:

- Zica umugongo
- Zitera inyota
- Zitera kuva imyuna

Hakenewe umwembe 1 n'ikirahuri cy'amasaka atetse na pasteque (water melon, tikitimaji) iyo iriwe yoza amaraso ikaba incuti y'impyiko nibura 3 muri buri cyumweru mu gihe cy'ukwezi.

Onyo 1, kokombure 1 (cocombre; cucumber), pomme 1 n'ibiyiko 2 bya elayo nibura 3 mu cyumweru (amanywa) ukwezi.

Igicuri:

Avoka 1, igikoma cy'uburo, ikiyiko cya blueband ukabikoresha mu gitondo iminsi 10

Ibumba ritukura rivanze n'amazi atekanywe na romarin ugasiga umugongo wose no mu gahanga rikahamara isaha 1 iminsi 10.

Igitunguru cya Onyo itukura 1, indimu 1, akayiko k'ubuki n'ibiyiko 2 by'amavuta y'ibihwagari (amanywa) ubikoreshe 4 mu cyumweru mu gihe kingana n'ukwezi.

NB: Iyi miti y'igicuri niyo ivura n'abana batinze kugenda n'abari kurwara ubuhumyi.

Kwikinisha(masturbation):

Inanasi, urunyanya, amapera n'ikiyiko cy'ubuki kubikoresha iminsi 7 muri buri kwezi mu gihe cy'amezi 3, niyo miti yo kongerera ubuzima abamugajwe n'icyaha cyo kwikinisha

Indwara y'amabere ku bagore na prostate ku bagabo:

Amababi y'inkeri asekuye(ikirahuri cyayo), inyanya(isosi yazo), Soya (isosi yayo), Ibi bikoreshwa 3 mu cyumweru ukwezi(ibibikingira no kuvura indwarazavuzwe haruguru).

Bene data tubifurije gukunda ukuri kukwizera no kukwamamaza nubwo amaherezo abagukunda bazakuzira. "Abo ni bo batandujwe n'abagore kuko ari abari. Abo ni bo bakurikira Umwana w'Intama aho ajya hose. Bacunguriwe mu bantu kugira ngo babe umuganura ku Mana no ku Mwana w'Intama. Mu kanwa kabo ntihabonetsemo ibinyoma, kuko ari abaziranenge."IBYAHISHUWE 14: 4-5 "Abarokotse bo muri Isirayeli ntibazakora ibibi habe no kuvuga ibinyoma, n'ururimi ruriganya ntiruzababonekaho mu kanwa kabo, kuko bazagaburirwa, bakaryama ari nta wubakanga."ZEFANIYA 3:13

Imana izabarinde kuba mu bahimba ibinyoma mu babyizera no mubabyamamaza cyangwa abacirwa integer na byo. "Ni cyo gituma Umwami Uwiteka avuga ati "Kuko mwavuze ibitagira umumaro, mukabona ibinyoma, nuko dore ndabibasiye. Ni ko Umwami Uwiteka avuga. Kandi ukuboko kwanjye kuzibasira abahanuzi babona iyerekwa ritagize icyo rimaze, bagahanura ibinyoma. Ntabwo bazaba mu nama y'ubwoko

bwanjye, kandi ntabwo bazandikwa mu gitabo cy'inzu ya Isirayeli, habe no kwinjira mu gihugu cya Isirayeli, namwe muzamenya ko ndi Umwami Uwiteka." EZEKIYELI 13:9

Gushakisha abayoboke ibinyoma ntibihira kandi bitesha agaciro uwabikoze "Ururimi rwawe ruhimba ibyo kurimbura, Ruhwanye n'icyuma cyogosha gityaye, Wa nkozi y'uburiganya we, Ukunda ibibi ukabirutisha ibyiza, No kubeshya ukakurutisha kuvuga ibitunganye." ZABURI 5 2:4-5 ".Hanze hazaba imbwa n'abarozi n'abasambanyi, n'abicanyi n'abasenga ibishushanyo, n'umuntu wese ukunda kubeshya akabikora." Ibyahishuwe 22:15 naho ukuri ko: kureza, gutera ishema, kwegeranya abantu, ni intwari ikomeye .

kandi gutanga amahoro yo mu mutima. "Habaho uwihutira kuvuga amagambo yicana nk'inkota, Ariko ururimi rw'umunyabwenge rurakiza. Ikivuzwe cy'ukuri kiraramba, Ariko iby'ururimi rubeshya bishira vuba." IMIGANI 12:18-19

"Aho gukora icyaha wapfa, aho kuriganya wakena kandi aho kubeshya wasonza." 4T 495 (1880); LDE 142

"Muhitemo ubukene, gutukwa, gutandukana n'incuti zanyu cyangwa kubabazwa k'uburyo bwose aho kwandurisha umutima icyaha. Muhitemo urupfu aho kwandagara cyangwa kwica amategeko y'Imana. Ibi ni byo bigomba kuba intego ya buri mukristo wese. Nk'ubwoko buvuga ko ari abagorozi, ikigega cy'ukuri gukomeye kweza kw'ijambo ry'Imana, tugomba kurushaho kuzamura ibendera rikagera ku rugero rusumba aho riri muri iki gihe. Icyaha n'abanyabyaha bo mu itorero bigomba guhagurukirwa kugira ngo n'abandi batandura. Ukuri no kwera bidusaba ko turushaho kweza inkambi dukuramo ba Akani. Abari mu myanya y'ubuyobozi ntibakigerere bemerera

—IVUGURURA—

kuzamura ibendera rikagera ku rugero rusumba aho riri muri iki gihe. icyaha n'abanyabyaha bo mu itorero bigomba guhagurukirwa kugira ngo n'abandi batandura. Ukuri no kwera bidusaba ko turushaho kweza inkambi dukuramo ba Akani. Abari mu myanya y'ubuyobozi ntibakigerere bemerera mwene data kuguma mu cyaha. Mumwereke ko agomba kuzibukira ibyaha bye cyangwa se agahabwa umugayo n'itorero."CH 626.